

IBIBAZO N'IBISUBIZO

KU MWUKA WERA

 Kandi nyuma y'ijoro ryakeye twese twuzujwe. Uyu muni numvise raporo nziza z'abantu benshi bahawe Umwuka Wera. None turabyishimiye.

² Nishimiye kuba turi kumwe na Mwene Data Graham iri joro, umwe mu bafatanyabikorwa bacu hano mu rusengero, we ni Umushumba w'itorero rya the holiness church muri Utica. Kandi mwene Data Jackson, yari ari hano, mw'ijoro ryakeye, ndizera ko ari byo, cyangwa yagarutse hano mu cyumba ahantu runaka, umuntu umwe aravuga, ari hano... Yego, ndabona mwene Data Jackson hariya muri badukurikiye nonaha. Na—na mwene Data Ruddell, ari hano muri iri joro? Uwo ni undi mukozi wacu dukorana hano kuri “62.” Twishimiye kubana nabo hano. Hamwe na... Yoo, Mwene Data Pat, n'aba bavandimwe bandi bose, turi—n'abandi badukurikiye bari hanze. Twishimiye kuba muri hano mwese iri joro.

³ Noneho, iyo nza kugira ikintu nsobanura, nari kuzana bamwe muri abo babwiriza beza hano kugira ngo babaganirize, kuko narasaraye cyane kubera kugira ibihe byiza mw'ijoro ryakeye.

⁴ Noneho, umugore wanjye, ni we unkosora; murabizi, bavandimwe, ibyo mvuga. Yambwiye ko abantu bari bari inyuma nijoro batanyumvaga, kuko navugiraga muri iki kintu. Noneho, mbere y'uko ntangira, ngiye kugerageza ikintu runaka. Noneho, ndibaza niba ari byo byiza kurushaho. Ese ni bwo buryo bwiza gusubira inyuma? Cyangwa ibi ni byo byiza? Ni byo byiza? Noneho, Mukundwa, iki ni cyo gihe mbonye ikimenyetso cyo kukuvuguriza. Noneho, bavuze ko ibyo ari byo byiza. Ni byo. Yoo, mbega! uwo ni umugore. Ni umugore mwiza, 'kuko tumaranye igihe kinini. Ahora ari umunyakuri.

⁵ Mu by'ukuri twagize ibihe byiza cyane muri iyo minsi itatu y'amateraniro; njyewe narabigize. Noneho, kaseti, zose usibye iyo mw'ijoro ryakeye... Nahamagaye Mwene Data Goad ndamubwira ngo aze gufata kaseti yagenewe urusengero. Ariko numvise ko Billy Paul yafashe imodoka ye maze akigendera, ku bw'ibyo naje kumenya ko iyo kaseti itafashwe. Ubwo rero iyo ntayo dufite. Nifuzaga kuzibika mu rusengero ku bw'inyungu z'itorero kuko—umuntu aravuga ngo—ibyo turabyemera.

⁶ Noneho, iri joro ndagira ngo mvuge *ku Nama Ikomeye*, niba nshoboye kurangiza ibibazo ku gihe. Hanyuma, ejo mu gitondo hazaba umurimo wo gukiza indwara. Kandi tuzasengera

abarwayi. Kubw'ibyo, ntidushobora gutanga ibyo—cyangwa kugenda gusa ngo tuvuge tuti: “Noneho, ngiye kugufata, na we, na we.” Ibyo ntibyaba ari byo. Ariko dutanga amakarita menshi, kandi ahantu runaka kuri ayo makarita, ngahamagara bamwe ku ruhimb. Hanyuma, niba Umwuka Wera atangiye kumpishurira, ubwo Agendagenda mu badukurikiye maze agakora kuri bamwe mu badukurikiye ku bw'umurimo wo gukiza abarwayi. Hanyuma rero, ejo mu gitondo, nzavuga, Uwiteka nabishaka, mbere y'umurimo wo gukiza abarwayi.

⁷ Ndabona umugore wanjye aseka. Mukundwa, ese ntushobora kunyumva neza? Yoo, urimo kunyumva. Rero, ibyo ni byiza. Yicaye inyuma iyo none niba—atanyumva, azunguza umutwe, ati “Wowe . . . Ntabwo nkumva, ntabwo nkumva.”

⁸ Noneho rero ejo—ejo nimugoroba ni iteraniro ry'ivugabutumwa hamwe n'iyobokamana ryo kubatiza mu mazi. Hanyuma, nkimara kurangiza kubwiriza ejo nijoro, tuzakuramo amarido hanyuma tugire umubatizo w'amazi hano ejo nijoro. Niba Uwiteka abishatse, niba Umwami abishatse, mu gitondo ndashaka—cyangwa ejo nimugoroba ndashaka kuvuga kuri iyi ngingo: *I—Ikimenyetso Cyaratanzwe*. Hanyuma, niba turi hano kuwa Gatatu nijoro, niba Umwami anyemereye kuba hano kuwa Gatatu nijoro, Ndashaka ko tuzavuga kuri iyi ngingo: *Twabonye Inyenyeri Ye Mu Burasirazuba None Tuje Kumuramba*. Noneho, ibyo ni mbere gato y'umunsi mukuru wa Noheli.

⁹ Hanyuma, ako kanya nyuma ya Noheri ni icyumweru cy'ikiruhuko cya Noheri. Aho ni ho dufata amabaruwa yose . . . Mwene Data Mercier n'abandi bakunze kuyasohora yose. Nuko tukayashyira ahagaragara, hanyuma tugasengera aya mabaruwa maze tugasaba Uwiteka ngo atuyobore aho tuzajya hose ku isi.

¹⁰ Ubu, ni, Abagabo b'Abakristo b'Abacuruzi, bafite gahunda ikomeye, ibyo bigomba kubera muri Florida vuba aha mu nama yabo. Tuzava aho tujye i Kingston, hanyuma twekerekeze muri Hayiti, hanyuma tumanuke muri Puerto Rico, twinjire muri Amerika y'Epfo, dusubire inyuma tunyuze muri Megizike.

¹¹ Ariko Uwiteka asa n'aho anyobora muri iguhugu cya Noruveje. Sinzi impamvu. Muzi igitabo gito cyitwa *Umuntu Woherejwe Aturutse ku Mana?* Ni cyo gitabo kinini cyane cy'idini cyasohotse muri Noruveje. Mugitekerezeho, ibyo Umwami yakoze ahongaho. Kandi igihe nari mpari, ntibashoboraga kunyemerera kurambika ibiganza ku barwayi. Namazeyo amajoro atatu. Kandi ntibashoboraga kunyemerera kurambika ibiganza ku barwayi. Noneho Murabona icyo Imana ishobora gukora. Abantu bari benshi cyane ku buryo byabaye ngombwa ko bafata abapolisi bagendera ku mafarashi, maze bigizayo abantu mu mihanda kugira ngo mbashe gutambuka ngere aho

hantu. Kandi sinabashije kurambika ibiganza ku barwayi. Ariko nabasengeye; ndabareka baramburanaho ibiganza.

¹² Rero... [Hari umuntu avugana na Mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Yego, ndabikora rwose, nonaha. Noneho, ejo mu gitondo... Noneho, iri joro, birashoboka ko twinjira muri ibi bibazo gusa, kuko dufite bimwe byiza cyane. Kandi sinzi igihe Umwami azabituyoboraho. Hanyuma, ejo mu gitondo yaba Billy Paul, Gene, cyangwa Leo, umwe, azaba ari hano kugira ngo atange amakarita y'amasengesho saa munani kugeza saa munani na mironko itatu. Noneho, bantu bo hanze y'umuji, reka mbisubiremo kugira ngo mutazibagirwa. Niba mwifuza kwinjira mu murongo, twakwishimira ko twagira abantu bo hanze y'umuji niba bishoboka.

¹³ Noneho, rimwe na rimwe hano mu rusengero tugera aho bavuga bati: "Noneho..." Dufate abantu bo hanze y'umuji, kubavuga... Hari uwavuga ati: "Ntabwo nari nzi ikibazo cyabo. Bashobora kuba bavugaga ikintu kitari cyo." Noneho mufate abantu bari mu muji; baravuga bati: "Yoo, ushobora kuba ubazi." Noneho... rero—byaravuzwe ngo: "Ni byiza, nzababwira, ni amakarita yo gusengerwa." None se, bite kuri abo badafite amakarita yo gusengerwa? Kandi umunsi ku wundi habayeho ubwo bi...

Uvuze ngo iki? [Mwene Data Branham arasabwa guhagarara inyuma ya mikoro—Ubwanditsi.] Mpagarare inyuma ya mikoro? Ni byiza, murabizi, nahoraga mbwiriza hagati mu muhanda. Birashoboka rero ko mbifata gutyo. Ni byiza cyane? Ni byiza. Ni byiza. Nzababwira icyo ari cyo. Imikorere yacu—yo kuvugira hano mu ruhamwe ntihagiye na busa, ntihagiye na busa. Kandi ubu ntabwo turimo kugerageza kuyinoza, kuko twifuza ko urusengero rushya rwubakwa vubaha. Hanyuma ni bwo tuzaba dufite umwanya uhagiye (murabona?), niba dushobora kugera hano tukahakwira hose ari hagari, ndetse tukongeraho n'ahandi, maze tukitegura amateraniro mu gihe tuyafite hano.

¹⁴ Kandi ubu, mwibuke, mu gitondo abahungu, umwe cyangwa batatu muri bo bazatanga amakarita hagati ya saa mbiri n'igice, cyangwa, saa mbiri na saa mbiri n'igice. Ibyo biha buri wese amahirwe yo gutuza. Kandi navugaga ku buryo batanga amakarita, impamvu tubikora. Ni ukugira ngo twubahirize gahunda. Murabona? Noneho, byagenda bite ndamutse nje hano, nkavuga nti: "Reka *uyu* mugore, *uyu* mugore, n'*uriya* mugabo, hamwe n'*uyu* mugore...?" Murabona, ibyo byaba ari uburyo—ibyo byaba ari uburyo budasanzwe. Murareba? Hanyuma, niba... Incuro nyinshi narabikoze. Kandi niba atari benshi cyane mu gitondo, nshobora gukora ikintu nk'icyo. Nzavuga nti: "Hari abantu bangahe hano baturutse hanze y'umuji bafitanye ikibazo nawe? Ugahaguruka."

¹⁵ Mwene Data Mercier, ugiye kuntabara. Ugiye kumfasha?

[Mwene Data Mercier aravuga ati: “Nje ku butabazi bwanjye.”—Ubwanditsi.] Yoo, uraje. . . Araje ku bw’ubutabazi bwe bwite. Navuganye n’umukunzi wawe uyu munsu. Noneho, byaba byiza ungiriye neza by’ukuri. Murabona? Nta kibazo. Ni byiza. Njyewe—njyewe ndabyishimiye Mwene Data Leo. Iyo bitagenze neza, reka—reka tubikore uko tuzi ko twabibona, uko tubishoboye kose.

¹⁶ Noneho rero, ndasaba abantu bo hanze y’umujiy kuzamura ibiganza byabo abafitanye ikibazo nabo. Hanyuma muhagarare aho, mwibande ku muntu umwe kugeza igihe Umwuka Wera azatangira, hanyuma mufate abari aho bose. Ni bangahe bari bari hano ubwo babonaga ibyo bikorwa hano? Niko bimeze rwose! Murabona, murabona? Rero ntacyo bitwaye uko byagenda kose. Ni. . .

¹⁷ Ndashaka ko mubyibuka, kandi mu gitondo ndaza kugerageza kongera kubisubiramo. Abanyamahanga, Ubutumwa Bwiza bahawe ni Ubutumwa Bwiza bwo kwizera, ntabwo ari imirimo na gato. Murabyumva? Nk’uko nabivuze mw’ijoro ryakeye. Igihe Umwuka Wera wamanukaga kuri Pentekote, ubwo wazaga ku Bayahudi (Ibyakozwe 19:5), bagombaga kubarambikaho ibiganza kugira ngo bawakire. Kandi ubwo bamanukaga bajya ku Basamariya, byabaye ngombwa ko babarambikaho ibiganza. Ariko ubwo bageraga ku Banyamahanga kwa Koruneliyo, “Petero akimara kuvuga ayo magambo. . .” Nta kubarambikaho ibiganza.

¹⁸ Ubwo umwana w’umukobwa yapfaga, umukobwa wa Yayiro, umutambyi, yaravuze ati: “Ngwino umurambikeho ibiganza, azabaho.” Ariko ubwo umutware w’abasirikare b’Abaroma, Umunyamahanga, yavugaga ati: “Ntabwo nkwiye ko Waza munsu y’igisenge cy’inzu yanjye, vuga ijamba rimwe gusa.” Ni byo. Murareba?

¹⁹ Umugore w’Umusirofenisiyakazi, Umugirikikazi yari we icyo gihe, igihe—igihe Yesu yamubwiraga, ati: “Ntabwo bikwiye ko Njyewe mfata umugati w’abana ngo nywujugunyire imbwa.”

Yaravuze ati: “Ni byo koko, Mwami; ariko imbwa nazo zirya utuvungukira tw’abana twaguye munsu y’ameza.”

Yaravuze ati: “Kubera ibyo uvuze, dayimoni yavuye mu mukobwa wawe.” Vuga ibintu byiza rero. Vuga ikintu cyiza ku muntu. Vuga ibya Yesu. Vuga ikintu cyizerwa, ikintu nyacyo. Ubwo ni bwo buryo bwo kwirukana amadayimoni. Ntiyigeze avuga—Ntiyigeze asengera uwo mukobwa. Nta kintu na kimwe yigeze avuga ku bijyanye no gukira kwe; Yaravuze gusa ati: “Kubera ibyo uvuze, kubera ibyo uvuze. . .”

²⁰ Hattie Wright, ejobundi, ntacyo yasabye. Yari yicaye ahongaho gusa, ariko yavuze ikintu gikwiye, cyashimishije Umwuka Wera. Nyuma rero, Umwuka Wera aramusubiza ati: “Hattie, saba icyo ushaka cyose, icyo ufite cyose wifuza.

Shakisha umenye niba ibi ari ukuri cyangwa atari ukuri. Saba ikintu icyo ari cyo cyose (gukira kwa mushiki we muto wari uhagaze aho yemye; amatorari ibihumbi icumi kugira ngo adacukura ku misozi yabo iri hariya; umusore yasubijwe umubiri we wari warangiritse cyane); icyo ushaka gusaba cyose, gisabe nonaha. Niba Utaje ngo ukiguhe nonaha, ubwo naba ndi umuhanuzi w'ibinyoma." Ibyo ni—ni byo koko, si byo se?

²¹ Yesu yaravuze ati: "Mubwire uyu musozi..." Kandi mwumvise i—ibyabaye; Uwo ni wo murimo turimo kwinjiramo. Ubu turi mu nzira igana hejuru cyane. Vuba aha ni Ukuza k'Umwami Yesu. Kandi tugomba kugira ukwizera ko kuzamurwa mu Itorero gushobora guhinduka mu kanya gato, mu kanya gato nk'ako guhumbya kugira ngo rigende, cyangwa ntituzagenda. Ariko ntimugire ikibazo, kuzaba guhari. Kuzaba guhari. Kandi ubwo imbaraga z'iri torero zizazamuka, zizazana abavandimwe baryo; Imbaraga z'iryo torero zizazamuka, zizazana abavandimwe baryo; imbaraga z'iryo torero zizazana abandi bavandimwe; hanyuma hazabaho izuka rusange. Kandi turaritegereje.

²² Noneho, ntimwibagirwe, amakarita y'amasengesho mu gitondo saa mbiri n'igice zuzuye. Hanyuma ndababaza icyarimo icyo ari cyo cyose, hanyuma ndeke gutanga amakarita, nsubire inyuma, maze nicare (murabona?), 'kuko bazaba bamaze kuyatanga wenda icyo gihe uko byagenda kose, cyangwa nk'uko benshi tuzaba tugiye kuva aho hantu. Abahungu bazahaguruka, anyuma bavange amakarita yose imbere yanyu, noneho niba mushaka imwe, mushaka imwe, cyangwa ikindi kintu nk'icyo... Hanyuma nininjira, nzahita...Aho Uwiteka azavuga hose hamagara kuva... Kandi niba Yaravuze ati: "Ntuzahamagare na gato," ntabwo nzabahamagara na gato (murabona?), icyo ari cyo cyose.

²³ Kandi ndi...Uwo murimo uri hafi gucika intege uko byagenda kose; hari ikintu gikomeye kirimo kuwuzamo. Mwibuke, buri gihe ibyo byavugiye mu ruhamye cyangwa kuri iki gicaniro, kandi ntabwo byigeze binanirana kugeza ubu. Muribuka umurimo w'Imana ku bijyanye n'ikiganza? Murebe ibyo cyakoze? Ibitekerezaho by'umutima, murareba ibyo cyakoze? Noneho mwitegereze ibi: muvuge Ijambo rimwe, murebe icyo Ikora. Murabona? Mu mu myaka yashize nababwiriyeho hano—itorero (Ndabwira urusengero)—mu myaka yashize, Hashize imyaka itatu cyangwa ine, hari ikintu gifatika cyari kigiye kugaragara; kandi hiri hafi kubaho. Kandi dore ubu kirimo kwinjira muri...kirimo ha ishusho. Noneho, ibyo turabyishimiye. Yoo, mbega ukuntu dushimira. Mbega ukuntu twishimiye.

²⁴ Noneho, dufite ibibazo bikomeye cyane hano, kandi turashaka kubyinjiramo vuba. Umuntu yarebye muri ibyo bitabo byose nari mfite. Ndavugaga nti: "Mu by'ukuri, umuntu

w'umunyabwenge ni we ubikeneye gusa.” Ariko ntabwo ndi umunyabwenge. Ngomba kugira byinshi byo gusuzuma. Rero, iyi ni Diaglott, iyi nayo ni Bibiliya, kandi uku ni ukuzuzanya. Rero ni...Tugiye gusaba Uwiteka kudufasha no kutwereka uko twasubiza ibi bibazo ukurikije ubushake Bwe bw’Imana n’Ijambo Ryayo.

²⁵ Noneho rero, reka twunamishe imitwe yacu akanya gato kubwo gusenga. Mwami, turagushimira bivuye mu mu ndiba z’umutima wacu wose kubera ibyo Wadukoreye muri aya majoro atatu ashize. Oh, kubona abakozi b’Imana bateranira inyuma aho mu cyumba bahana bahana ibiganza, kandi bakavugurura kwizera, kandi—kandi no gutera intambwe nshya. Guhamagara kuri telefoni...Kandi imitima yacu yishimye, kandi abantu bakire Umwuka Wera nyuma y’uko ba—babonye Ijambo Ryawe, Uburyo Rivuga neza intambwe ku yindi uburyo bwo kwakira Umwuka Wawe Wera. Turabigushimira cyane, Mwami.

²⁶ Woroshye ibintu cyane, kuko turi abantu boroheje. Kandi turagusaba, Mana, ngo—ngo uzaduhe uburenganzira bwo kwiyoroshya buri gihe. Kuko ari...Abo bicisha bugufi ni bo bazashyirwa hejuru. Kandi ubwenge bw’isi ni ubupfapfa ku Mana; ibyo byashimishije Imana binyuze mu bupfapfa bwo kubwiriza kugira ngo bikize abari barazimiye.

²⁷ Noneho, Data, Hari ibibazo byinshi mfite hano bibazwa n’umutima utaryarya. Kandi umwe muri bo asubije nabi ashobora gusunikira uwo muntu mu buryo butari bwo, kugira ngo basobanure ikibazo cyabo kibabangamiye. Rero Mwami Mana, ndagusenze ngo Umwuka Wera amanukire kandi ahishure ibi bintu, kuko byanditswe mu Byanditswe Byera ngo: “Musabe muzahabwa; mushake muzabona; mukomange muzakingurirwa.” Kandi ni byo turimo gukora ubu, Mwami, turakomanga ku rugi rwawe rw’imbabazi. Duhagaze mu gicucu cy’ubutabera Bwawe bw’Imana, turasaba Amaraso ya Kristo w’Imana ku bw’Umwuka Wera.

²⁸ Kandi ntabwo tuje muri iri joro kubera ko twavuye muri ayo majoro atatu yo kubwiriza ku Mwuka Wera, Tuje dufite icyubahiro cyimbitse tuzira uburyarya. Tuje nk’aho ari ryo joro rya nyuma turiho ku isi. Tuje twizera ko Uri busubize amasengesho yacu. Kandi Mwami, Turagusaba nonaha binyuze mu Bugingo Bwawe bw’Iteka. Kandi mu gusubiza Ijambo Ryawe, Umwuka Wera, Yoo Mana, nk’uko tubibona ko ari Wowe ubwawe uri hagati yacu, Turasenga ngo aduhishurire muri iri joro ibintu twifuza. Kandi twifuzaga gusa ko imitima yacu iruhuka, n’ubwenge bwacu bukagira amahoro, no kwizera Imana kugira ngo twigire imbere twakire imigisha Yadusezeranyije. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

²⁹ Ubu, mfite ibibazo byose nahawe, uretse kimwe gusa. Nasubije Mwene Data Maritini waraye ambajije ikibazo kimwe

gusa, mu ijoro ryabanjirije iri. Hari benshi bari bari hano mu ijoro ryakeye, ariko byari ibyifuzo by'amasengesho. Na mwene Data Maritini wambajije ikibazo kijyanye no muri Yohana 3:16—cyangwa Yohana 3, Ndizera, ku byerekeye, “Niba umuntu atabyawe n'amazi n'Umwuka, ntashobora kubona Ubwami bw'Imana,” maze mbigereranya na kaseti nari nohereje ku bijyanye n'Abaheburayo. Kandi namusanze mu cyumba cy'inyuma hano nimugoroba, kandi—mbere y'uko mbonye umwanya wo kumusubiza, nahise mbikora, kuri iyo ngingo.

³⁰ Noneho, hano hari umuntu utari uhari mw'ijoro ryakeye? Reka turebe ibiganza byanyu, utari uri hano mw'ijoro ryakeye. Yoo, twari twifuje rwose ko mwari kubana natwe. Twagize ibihe byiza cyane. Umwuka Wera . . .

³¹ Nshobora, umunota umwe gusa... Ntibibababaze. Ibi bifashwe kuri kaseti. Kandi niba bibaye ko umupasiteri cya—cyangwa umuntu utemeranya n'ibyo ngiye kuvuga nonaha, cyangwa no mu bibazo, ndasaba, mwene Data, ko utazabyumva nk'ibidasanzwe, ariko ibyo—mwibuke ko iyi kaseti irimo gufatirwa mu rusengero rwacu hano. Turimo kwigisha abantu bacu. Abakozi benshi b'amadini atandukanye bari hano. Kandi ndifuza kongera kwinjira muri iyo ngingo, kuko hari bamwe mu bantu bacu batashoboye kwinjira mw'ijoro ryakeye mbona bari hano muri iri joro. Kandi ndashaka kunyuramo akanya gato, niba mubinyemereye, mu byo navuze nimugoroba; kandi ibyo byabaye kuri Pentekote, kubwo kwakira Umwuka Wera.

Noneho, nsoma muri *Emphatic Diaglott* y'ubusemuzi bw'Ikigiriki, aho nari ndi nimugoroba, buri imbere yanjye ubungubu. Ubwo ni bwo busemuzi bw'umwimerere buva mu Kigiriki bujya mu Cyongereza. Ntibinyura mu bandi basemuzi, n'i—n'izindi verisiyo, biva mu Kigiriki bijya mu Cyongereza. Noneho, amagambo y'Icyongereza, kenshi afite ibisobanuro nk'ibyo kuri yo, nk'uko navuga ubu, *ikibaho*. Mufate iryo jambo *ikibaho*. Mwavuga muti: “Ni byiza, yari arimo gusobanura ko twari turimo *kumwinubira*.” Oya! “Yoo, we—yishyuye *ikibaho* cye.” Oya! Ni byo, we. . . “Ni *ikibaho* kiri ku ruhande rw'umuhanda.” Kubera iki, murabyumva? Cyangwa kimwe muri ibyo... Hari amagambo ane cyangwa atanu atandukanye ashobora gukoreshwa; ugomba kumva interuro. Ijambo *murabona*. *Murabona* Bisobanura “gusobanukirwa,” mu cyongereza. *Inyanja* bisobanura “amazi magari.” *Murabona* bisobanura “kureba ku.” *Murabona*? Ariko kuri ubu busemuzi, ijambo ryakoreshejwe hano, narivuzeho nijoro mu Byakozwe n'Intumwa igice cya 2, aho bivuze ngo: “Indimi z'umuriro zari hejuru yabo...” Noneho, ndashaka gusubira inyuma akanya gato. Murabyemeye, akanya gato, hanyuma birasa no kuyisuzuma gato mbere y'uko dukomeza?

³² Noneho, murambure muri King James yanyu cyangwa ubundi busemuzi ubwo aribwo bwose murimo gusoma...

Nanbye ndashaka kugisoma. Kandi mutege amatwi mwitonze ubu. Ntimubisobanukirwe nabi. Benshi muri iki gihe, ndetse na mushiki wanjye, benshi muri bo barahamagawe, yaravuze... Madamu Morgan... Benshi muri bo bari bahari nimugoroba. Madamu Morgan ni umwe muri bashiki bacu bari barateranywe; kandi yari ku rutonde rw'abapfuye i Louisville mu myaka cumi n'itandatu, cumi n'irindwi ishize azize kanseri. Ndatekerezaga ko yongeye kwicara hano iri joro. Ntiyashoboraga kumva, yaravuze, kuko navugiraga muri mikoro. Kandi ku bw'inyungu zabo ndashaka kubisubiramo gato.

³³ Noneho, ndimo gusoma muri iki Cyanditswe cyo mu Byakozwe n'Intumwa 2:

...umunsi wa Pentekote ugeze, bese hamwe bari bahuje umutima... (Noneho, ndabikunda uko bari bahuje umutima: 'kuko mwashoboraga kuba umwe ku ngingo iyo ari yo yose, ariko hano ibitekerezo byabo byari bimwe)... ibitekerezo bimwe kandi ahantu hamwe.

Nuko mu buryo butunguranye ijwi riturutse mu ijuru rimeze nk'umuyaga uhuha cyane, maze wuzura... inzu yose bari bicayemo. (Ntabwo bari bapfukamye, ntabwo bar barimo gusenga, ahubwo bari bicaye)...

...Indimi zigabanyijemo kabiri... (I-n-d-i-m-i-indimi. "Zigabanyijemo kabiri" bisobanura, "zigabanyiwemo kabiri")... Indimi... zarababonekeye... zimeze nk'u... umuriro, kandi umwe... ("Umwe," rukumbi)... zagumye muri buri wese muri bo.

Kandi bese baruzujwe... ("Kandi," akajambo gahuza)... bese buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi, nk'uko Umwuka wabahaye kuzivuga.

Hariho Abayahudi bubaha Imana bakomokaga mu mahanga yose ari munsi y'ijuru, i Yeruzalemu.

...igihe ibi byari... kandi iyo nkuru imaze gukwirakwizwa, rubanda barateranywe, maze baratangara, kuko... buri wese yumvise i... we avugaga mu rurimi rwe bwite.

³⁴ Noneho murebe! Igihe umuriro wazaga, byari indimi; igihe bavugaga, byari indimi. Ubu, hari itandukanirwo rinini hagati y'indimi no kuvuga mu ndimi. Kuri twe byose ni bimwe. Ariko, mu Kigereki, ijambo "ururimi," risobanura *ibi*. [Mwene Data Branham arashushanya—Ubwanditsi.] Ugutwi ni *uku*. Murabona? Ibyo ntibisobanura ururimi; bivuze igice cy'umubiri wawe ari rwo rurimi. Muramutse mubyitegereje, bisemura *indimi z'umuriro* ari byo bisobanura "nk'indimi," nk'umuriro ugurururira, umuriro waka ukagera hejuru cyane. Noneho,

murebe icyo dushimangira ubu. Kandi buri hose mri aho hantu ubu, ntimubyibagirwe.

³⁵ Noneho, tugiye gukina agakino gato muri iri joro. Kandi ndakabarekera. Noneho mwibuke ko niba hari ikintu gitandukanye n'ibyo, ibyo ni mwe bireba. Ariko inzira yonyine umuntu uwo ari we wese ashobora kubona ikintu icyo ari cyo cyose kivuye ku Mana, ni kubwo kwizera. Kandi mbere y'uko mubishobora...

³⁶ Ngomba kumenya icyo nkora mbere y'uko ngira icyizere mu byo nkora. Kuki washatse umugore wawe? Wari umwizeye. Wari wamugerageje, waramurebye, ureba icyo akomokaho, uwo yari we. Uko ni ko bimeze ku Byanditswe Byera, ku Mana. Ni byo bituma aya mayerekwa, i—iyi Nkingi y'Umuriro, ibyo bintu byose, kuko Imana yabisezeranije. Imana yarabivuze. Nayigerageje nkoresha Ijambo Ryayo kandi nzi ko ari ukuri. Kandi ukurikiza Ijambo Ryayo. Hanyuma niba hari akajagari gato ahantu runaka, ubwo haba hari ikintu kitagenda neza ahantu runaka. Kubera ko Imana (nimwumve!)—Imana ntivyigeze ikora cyangwa ntizigera ikorera hanze y'ubushake Bwayo—cyangwa bitandukanye n'amategeko Yayo. Itumba ntirizaza mu mpeshyi, kandi impeshyi ntizaza mu itumba. Amababi ntazagwa mu mpeshyi ngo agaruke mu mpeshyi. Ntashobora kubikora.

³⁷ Nk'uko nabivuze mw'ijoro rishize ku iriba ry'isoko, kuhira imyaka yawe. Cyangwa niba uhagaze hano hagati mu murima, kandi hari umwijima wijimye, maze ukavuga uti: "Yoo, amashanyarazi meza cyane, ndabizi ko uri mu murima. Noneho, narayobye, sinzi aho ngiye. Tanga urumuri, kugira ngo ndebe uko ngenda! Hari amashanyarazi ahagije yo kumurikira imirima." Ni byo koko. Yego, mugenzi! Muri iki cyumba hari amashanyarazi ahagije yo kukimurikira n'ubwo nta matara yaba ahari, ntayahari. Ariko ugomba kubigenzura. Noneho, ushobora kubisakurisha kugeza igihe utazongera kubisakurisha ukundi, ntibizigera bigurumana. Ariko niba mukora mukurikije amategeko y'amashanyarazi, muzabona urumuri.

³⁸ Ni byiza, ni bwo buryo bumwe no Mana. Imana ni Umuremyi ukomeye w'amajuru n'isi, uko yari ejo, n'uyu muni ni ko iri, kandi ni ko izahora n'iteka ryose. Iracyari Imana. Ariko Izakora gusa nukurikiza amategeko n'amabwiriza Yayo. Nshuti, ndavuga ibi: Sinigeze mbona binanirana, kandi ntibizananirana.

³⁹ Noneho, reka twitegereze. Yesu muri Luka 24:49 yari yarahaye intumwa inshingano nyuma yo gukizwa no kwezwa nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga; gutsindishirizwa no kwizera Umwami Yesu; Yohana 17:17 igihe Yesu yavugaga ati: "Beze, Data, binyuriye mu kuri. Ijambo ryawe ni ryo Kuri." Kandi We yari Ijambo.

⁴⁰ Noneho, yabahaye ububasha bwo gukiza abarwayi, kwirukana abadayimoni, kuzura abapfuye; kandi bagaruka bishimye. Kandi amazina yabo yari mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama. Muribuka uburyo twanyuze muri ibyo. Ariko bari batarahinduka. Yesu yabwiye Petero ijoro ryo kubambwa Kwe ati: "Numara guhinduka, ukomeze bene so."

⁴¹ Umwuka Wera ni cyo... Wizera Ubugingo Buhoraho, ariko iyo Umwuka Wera uje ni Wo Busingo Buhoraho. Urimo kwizera ko... Wabyawe n'Umwuka mu kwezwa, ariko ntabwo bigeze babyarwa n'Umwuka kugeza igihe Umwuka Wera aziye. Ni byo. Uruhinja ruba rufite ubuzima mu nda ya nyina, imitsi mito ihinda umushyitsi; ni ubuzima. Ariko ni ubuzima butandukanye iyo ruhumequera umwuka w'ubuzima mu mazuru yarwo. Biratandukanye. Ni byo, ni...

⁴² Mwene Data nkunda w'Umumetodiste, n'umu Pilgrim Holiness, n'umu Nazarene, umubatizo w'Umwuka Wera utandukanye no kwezwa. Kwezwa ni ugusukura, ari na ko kwitegura Ubuzima. Ariko iyo Umwuka Wera uje, ni bwo Buzima. Kwitegura ni ugusukura igikoresho; Umwuka Wera arimo kuzuza igikoresho. *Kwezwa* bisobanura "gusukurwa no gushyirwa ku ruhande ku bw'umurimo." Umwuka Wera ubishyira mu murimo. Muri ibikoresho Imana yasukuye.

⁴³ Kandi dusanga Umwuka Wera ari muri mwe. Imana yari iri hejuru yanyu mu Nkingi y'Umuriro. Imana yari kumwe na mwe muri Yesu Kristo. Noneho Imana iri muri mwe mu Mwuka Wera. Nta mana eshatu, Imana imwe ikora imirimo itatu.

⁴⁴ Imana yicisha bugufi, iramanuka iva hejuru isanga umuntu. Ntiyashoboraga kumukoraho, 'kuko yari yaracumuye mu busitani bwa Eden maze we ubwe akitandukanya n'ubusabane Bwayo. Hanyuma se byagenze bite? Yagombaga kuba hejuru ye. Amaraso y'ibimasa n'ihene ntiyashoboraga kumuha gusabana n'abantu ukundi; ahubwo binyuze mu mategeko n'amabwiriza, byashushanyaga iki gihe kiri imbere, cyo gutanga ibimasa, n'ibindi, n'intama... Hanyuma igihe Imana yamanaga ikajya gutura mu mubiri wejewe, wabyawe n'isugi y'umugore, Imana Ubwayo... Muzi icyo Imana yakozwe? Nta kindi Yakozwe uretse gusa... Yashyize ihema Ryayo muri twe. Imana itura mu Ihema ryitwa Yesu Kristo. Yashinze Ihema Rye hamwe natwe, aba... (nda—ndabwiriza kuri ibyo mu gitondo, rero reka mbireke.) Noneho, uko ni ko—uko ni ko Imana yabanye natwe...

⁴⁵ Noneho Imana iri muri twe. Yesu yaravuze muri Yohana 14 ati: "Muri iyo minsi muzamenya ko Ndi muri Data, Data akaba muri Njye, kandi nkaba muri mwe, namwe mukaba muri Njye." Imana muri twe. Intego yari iyihe? Gushyira mu bikorwa umugambi Wayo.

⁴⁶ Imana yari ifite gahunda. Yashakaga gukorera mu muntu, kandi yarayizanye mu Nkingi y'Umuriro, wari Umuriro

w'amayobera wari hejuru y'abana ba Isirayeli. Ubwo wa Muriro umwe wagaragaye mu mubiri wa Yesu. Kandi Yavuze ko Yari uwo Muriro, "Mbere y'uko Aburahamu abaho, NDIHO." Yari uriya Muriro. Yaravuze ati: "Naturutse ku Mana, kandi ndasubira ku Mana." Nyuma y'urupfu Rwe, uguhambwa, no kuzuka, Pawulo Mutagatifu yamusanze mu nzira—igihe yitwaga Sawuli—mu nzira ijya i Damasiko, maze Yongera gusubizwa muri iyo Nkingi y'umuriro. Umucyo wamunogoyemo amaso. Ni byo.

⁴⁷ Kandi hano ni ko bimeze uyu muni, Inkingi y'Umuriro imwe, Imana imwe ikora ibimenyetso bimwe, imirimo imwe. Kubera iki? Arimo gukora hagati y'abantu Be. Ari muri twe. Njye... Ari kumwe nawe ubu, "ariko Nzaba ndi muri mwe. Nzabana namwe, ndetse mbe no muri mwe, kugeza ku iherezo ryo kurimbuka," imperuka y'isi. Yagombaga kubana natwe.

⁴⁸ Noneho, mwitegereze. Yesu yari yarabategetse kujya i Yerusalemu maze bagategereza. Ijambo *kugumayo* risobanura "gutegereza," ntirisobanura gusenga, risobanura "gutegereza." Bari bataragera aho bakwiriye kubwiriza, kuko bari bazi gusa izuka Rye binyuze mu Bumuntu Bwe, bwo kumubona hanze. Ya—Yabategetse kutazongera kubwiriza, kutagira icyo bakora kugeza ubwo babanje guhabwa Imbaraga ziturutse hejuru.

Sinemera ko umuvugabutumwa uwo ari we wese yoherejwe n'Imana cyangwa ko ashobora gushyirwaho neza...Kuko Imana ntigira iherezo. Kandi icyo Imana ikoze rimwe, Iragikora igihe cyose. Noneho, Niba Imana itarabaretse ngo babwirize kugeza igihe bagereye kuri Pentekote ngo babone ubunararibonye bwa Pentekote, nta muntu n'umwe, keretse icyifuzo cye bwite cyimbitse cyangwa idini runaka ryamutumye, ufite uburenganzira bwo kwinjira ku gicaniro kugeza igihe yuzuriye Umwuka Wera. Ni byo rwose. Kuko abayobora akoresheje igitekerezo cy'ubwenge ku miterere runaka kugeza igihe yuzuriye Umwuka Wera; hanyuma, abaha ibiryo by'inuma; *Umwana w'Intama n'Inuma*, nk'uko twavuze kuri uyu mugoroba.

⁴⁹ Noneho mwitegereze. Yaravuze ati: "Mujye i Yerusalemu maze mugumeyo; mutegerereze ahongaho kugeza igihe mboherereje isezerano rya Data." Hanyuma, bakoze iki? Hari harimo ijana na makumyabiri muri bo, abagabo n'abagore. Binjiye mu cyumba cyo hejuru mu rusengero.

Ubwo umunsi mukuru wa Pentekote wari wegereje, kuva kw'ihumanurwa ry'ubuturo bwera, kwica umwana w'intama wa Pasika kugeza ku—kuza kwa Pentekote, ari na yo mbuto y'umuganura w'umusaruro, Yubile, yubile ya Pantekote. Kandi ku nyubako...

⁵⁰ Ubu, nagiye mu bihugu. Ibihugu byo mu burasirazuba ntabwo byagiraga ingazi zo kuzamukiraho imbere. Ingazi

zabaga hanze. Tubwirwa ko hanze y'urusengero hari ingazi zizamuka zijya mu cyumba gito cyane; zizamuka, zizamuka, zikazamuka, kugeza igihe zigereye mu cyumba gito hejuru ahongaho, nk'icyumba cyo kubikamo ibintu hejuru y'urusengero, ubwoko runaka bw'icyumba gito, icyumba cyo hejuru. Kandi Bibiliya yavuze ko bari aho kandi inzugi zari zifunze, kuko batinyaga Abayahudi, kuko babatandukanyaga kubera gusenga Umwami Yesu, nyuma ya Kayafa umutambyi mukuru, na Pontiyo Pilato, na bo bari baramwishe. Bityo bari bagiye gukuraho abiyitaga Abakristo bose. Inzugi zari zifunze, kandi bari bategereje.

⁵¹ Ubu, muri ibyo byumba nk'ibyo, nta madirishya yari arimo. Amadirishya yari utuntu duto dufungishijwe utwugi, bakururaga mu gukingura. Muri ibyo byumba harimo amatara mato y'amavuta arambitse hasi kandi yaka... Niba warigeze kuba muri Kaliforuniya muri Clifton's Cafeteria, manuka mu cyumba cyo hasi, uzasangamo kimwe bisa cyane, cyo mu cyumba cyo hejuru. Ese wigeze ujjayo? Ni bangahe bagiyeyo? Ndabona abantu mwikiriza n'umutwe wanyu. Ni byiza, muzi ibyo mvuga. Byose ni byo. Mumanuke mujyeyo, muzabona ubusitani bwa Getsemani; mbere yo kubikora, muzinjira muri kimwe muri ibyo byumba byerekeye mu burasirazuba. Ibyo ni ukuri rwose. Ahongaho muzahasanga itara rito ryuzuye amavuta ya elayo rifite agatambaro gato k'ubwoya karimo gushya.

⁵² Noneho, reka tuvuge ko bari bari hariya hejuru, bazamuka hirya no hino. Barahageze barihisha kuko batinyaga Abayahudi. Yesu ntabwo yari yarababwiye ngo bajye mu cyumba cyo hejuru. Yarababwiye ati: "Mutegerereze i Yerusalemu." Bari hano mu nzu, bigoye kuvuga ku bizaba. Bari kwinjira bakabatwara. Nuko bajya mu cyumba gito gishaje kiri hejuru, hariya hejuru mu cyumba cyo hejuru, maze ahongaho, bafunga icyumba kugira ngo Abayahudi badashobora kwinjiramo. Bamazemo iminsi icumi bicaye aho bategereje.

⁵³ Noneho, ubu, turi mu Byakozwe n'intumwa 1. Noneho, mwumve mwitonze. Mufite ishusho y'ibintu? Hanze y'inyubako hazamutse ingazi nto, binjira muri iki cyumba gito. Mu rusengero bari bafite umunsi mukuru wa Pentekote. Yoo, cyari igihe cyiza cyane. Umunsi wa Pentekote ugeze, bose bari bahuje umutima, umutima umwe, bizera ko Imana yari igiye kohereza iryo sezerano. Buri muntu wese uri hano nagire icyo atekereza muri iri joro arebe ibizaba. Bigomba gusubiramo. Ni isezerano nk'uko barifite. Murabona?

⁵⁴ Bari barimo gukora iki? Bakurikizaga amabwiriza, bakurikizaga amategeko y'Imana: "Gutegereza kugeza..."

⁵⁵ Noneho, batinyaga Abayahudi. Noneho, muribuka. Batinyaga Abayahudi. Noneho, mu buryo butunguranye humvikana urusaku rumeze nk'umuyaga uhuha cyane. Ntabwo

rwari umuyaga uhuha cyane; rwari nk'umuyaga uhuha cyane. Ndaza gusoma ibitekerezo mu minota mike gusa ku musemuze. Byari bimeze nk'umuyaga uhuha cyane. Mu yandi magambo, wari umuyaga udasanze (yoo!), ikintu bashobora kumva. Umuyaga wari imbere muri bo. Haza u—umuyaga uhuha cyane, nk'umuyaga uhuha cyane. Umuyaga ntiwahuhaga cyane, ariko byumvikanaga nk'umuyaga uhuha cyane, nk'ikintu kigira kiti: Whew! Ese mwigeze muwumva? Yoo, mbega! Nk'umuyaga uhuha cyane. Noneho murebe. Noneho wuzura...Noneho, hano haranditse ngo “byose,” ariko mu Kigiriki handitse ngo “Byose (Inyuguti Nkuru B-y-o-s-e), Inzu Yose,” hose muri aho. Buri gice cy'icyuho, inguni, n'inkengero byasaga n'aho ubyuzuyemo. Ntabwo ari ukuvuga ngo “Vuga, Bavandimwe, muriyumvisha ibyo niyumvisha?” Oya! Byose byari birangiye, nk'umuyaga uhuha cyane. Noneho murebe. “Haje urusaku nk'umuyaga uhuha cyane kandi (icyungo. Noneho murebe za *kandi*. Iyo mutabikoze, mutuma rivuga ikintu ridashobora kuvuga. Murabona?)—kandi nk'ahongaho (ikintu cyabanje kuba ni urusaku, ikintu kimeze nk'umuyaga u—uhuha cyane cyabaje hejuru)—kandi (muribuka, mu ijoro ryakeye Nagiye mu iduka ngura umugati n'inyama. Ibyo ni ibintu byajyanye na byo. Umugati ni ikintu kimwe, inyama ni ikindi. Ijwi ryari ikintu kimwe cyabatangaje)—maze ribabonekera, (imbere yabo) indimi—indimi zitandukanya.”

⁵⁶ Hari umuntu uri hano wigeze abona *Amategoko Cumi* ya Cecil DeMille? Mwabonye igihe Amategoko yandikiwe? Uburyo yayifashe, simbuzi. Hari ibintu bibiri cyangwa bitatu nabonyemo nakunze cyane. Ikintu cya mbere ni urwo rumuri rw'ibuye ry'agaciro rya emeralidi, ni ko rusa neza. Murabona? Ikindi kintu cyari igihe Itegeko ryandikiwe, kandi nyuma y'uko birangiye, ese mwabonye ko ruguruka ruva kuri iyo Nkingi nini y'Umuriro, hari uduce duto tw'umuriro twagurukaga? Mwarabonye? Noneho, ni ko ntekereza ko byari bimeze kuri Pentekote. Byarababonekeye...Kugira ngo babibone. Ntibyavuzwe ngo “Wamanukiye muri bo.” Ariko habonetse ibirimi by'umuriro (ni ko twabyita), indimi, ururimi nk'uru rurimi ruri *hano*, ishusho y'ururimi, ibirimi by'umuriro. Noneho, ugutwi—nk'uko nabivuze, ugutwi ni ugutwi; urutoki ni urutoki. Urutoki ntiruvuga ko wabyumvise; bivuze ko byasaga n'urutoki. Kandi iyo byabaga ari ugutwi, ntibyasobanuraga ko babyumvise; byasaga n'ugutwi. Uyu wari umuriro wasaga n'ururimi, ntabwo ari umuntu wavugaga, ahubwo ni umuriro wasaga n'ururimi.

⁵⁷ Noneho, mutege amatwi. Murebe uko Ikigiriki kibisoma hano:

*Kandi mu buryo butunguranye haza ijwi...
nk'umuyaga uhuha ukomeye... (Umurongo wa 3—
wa 3.)*

Nuko indimi zitandukanyije *zigaragara muri bo...*(Nta ndimi zitandukanye zari muri bo, cyangwa se bavugaga indimi zitandukanye; Ni indimi zitandukanye zagaragaye kuri bo. Noneho, mwitegereze. Ntizirabazaho. Ziri aho mu cyumba, zizenguruka nk'aho ziri muri uyu muyaga.)...kuri bo...ni *nk'u...umuriro...*indimi zitandukanye... *zagaragaye muri bo...*(ni mbere y'uko bazibona) *nk'u...umuriro*, (nk'umuriro) *kandi* rumwe (mu bumwe) rwagumye *kuri buri* wese *muri bo*. (Ntabwo Rwagiye muri bo; ahubwo Rwagumye kuri bo.)

⁵⁸ Noneho, murebe uburyo King James yashoboraga kubyamagana: “Nuko indimi zitandukanye ziza kuri bo, cyangwa zibagumaho (bisomwa bite muri King James ahongaho?) zari kuri bo.” Murabona? Noneho, ntabwo zashoboraga kujyayo ngo zibagumeho. Ibyo turabizi. Ariko iyo umwimerere iravuga iti “Zabahagazeho,” ndabyemera; si byo se? Reka mbabwire nyako nyako. Yego! “...zari kuri buri wese muri bo.” Ururimi rw'umuriro rwagumye kuri buri wese muri bo. Murabyumva? Ni ko bimeze? Ni cyo kintu cya kabiri cyabayeho. Ubwa mbere haje umuyaga, hanyuma haza indimi z'umuriro.

⁵⁹ Hari muri aka kumba gato hano hari utu dutara duto tw'amavuta twaka. Muekereze ko bari bicaye aho hejuru. Maze umwe aravuga ati: “Yoo!” Yarebye mu nyubako yose; yari ari hejuru y'inyubako yose. Hanyuma baravuga bati: “Murebe!” Indimi z'umuriro zatangiye kuzenguruka iyi nyubako. Noneho mukurikire. Maze hagaragara izi ndimi z'umuriro.

Noneho nimurebe igikurikira:

Nuko (Ikindi gihuza; hari ikindi kintu cyabaye.) *bose buzura Umwuka Wera...* (Ikintu cya kabiri cyabayeho.)

⁶⁰ Noneho murebe, turashaka guhindura ibyo byenda kuvuga biti: “Bari bafite indimi z'umuriro, kandi hano barasakuzaga; hanyuma barasohoka batangira kuvuga mu rurimi rutazwi.” Nta kintu nk'icyo kiri mu Byanditswe, nshuti. Umuntu wese uvuga ururimi rutazwi amaze kwakira Umwuka Wera aba abikoze mu buryo bunyuranyije na Bibiliya. Kandi ngiye kubereka mu minota mike nemeza ko nemera kuvuga mu ndimi zitazwi, ariko atari byo kwakira Umwuka Wera. Iyo ni impano y'Umwuka Wera. Umwuka Wera ni Umwuka.

⁶¹ Noneho murebe. Izi ndimi zari mu cyumba nk'umuriro, kandi zatwikiriye buri wese. Nuko bose buzurae Umwuka Wera (ikintu cya kabiri), hanyuma, bamaze kuzura Umwuka Wera, bavugisha indimi, si ukuvugisha indimi, ni ukuvugisha indimi z'ibihugu. Mwabibonye? Batangira kuvuga izindi ndimi z'ibihugu nk'uko Umwuka yabahaye kuzivuga. Noneho, ibi byasakaye hose.

⁶² Noneho murebe. Noneho, reka twongere dufate ishusho kugira ngo noneho mutazayibagirwa. Dukurikije Ibyanditswe Byera, mu cyumba cyo hejuru bategereje, bitunguranye bumva urusaku, rumeze nk'umuyaga uhuha cyane; uwo wari Umwuka Wera. Ni bangahe bizera ko ari byo kugaragara k'Umwuka Wera? Nk'umuyaga, umuyaga udasanze. Hanyuma barabibona. Kandi hanze hari indimi nto z'umuriro, ijana na makumyabiri, maze zitangira gutuza no kwishyira kuri buri wese muri bo. Ibyo byari ibiki? Ibyo byari ibiki? Inkingi y'Umuriro, ari yo Imana Ubwayo yigabagabanyije mu bantu bayo, yinjira mu bantu. Yesu yari afite byose; Yari afite Umwuka utagira igipimo; twe twubona ku gipimo (Murabona icyo nshaka kuvuga?), 'kuko turi abana barerwa. Ubugingo Bwe—Ubugingo Bwe Buhoraho bwari burimo kuza. Noneho, byagenze bite? Icyo gihe bese bari buzuye Umwuka Wera.

⁶³ Noneho, ndashaka kubabaza ikintu. Iyo nkuru yatangiye ryari? Iyo biba ngombwa ko bava muri icyo cyumba cyo hejuru kugira ngo bamanuke izo ntambwe maze binjire mu nkike z'ingoro—cyangwa hanze mu—mu nkike z'urusengero, bishoboka ko byari byafunze umuhanda w'umujyi uvuye aho bari bari, hejuru no hasi, hanze mu nkike aho abantu bese bari bateraniye hamwe... Bavuyeyo bameze nk'abasinze Umwuka. Kuko abantu bavugaga bati: "Aba bantu basinze divayi nshya." Ntibigeze babona ikintu nk'icyo.

⁶⁴ Kandi buri wese yageragezaga kuvuga ati: "Umwuka Wera yaraje. Isezerano ry'Imana riri muri nje. Njyewe—njyewe nari nuzuye Umwuka." Kandi uwo mugabo yari atuye i Galilaya, uwo mugabo yavugaga, yari Umwarabu cyangwa Umuperesi, yamwumvise mu rurimi rwe bwite.

⁶⁵ "Twumva dute (atari ururimi rutazwi)—twumva dute buri muntu mu rurimi yavukiyemo? Ese aba bese bavuga si Abanyagalilaya?" Kandi wenda yavugaga Ikigalilaya... Ariko igihe babyumvaga, byari mu rurimi kavukire. Niba atari byo, ndashaka ko mumbaza—nsubiza iki kibazo: Ni gute Petero yahagurutse ahongaho akavuga mu Kinyagalilaya, maze abantu bese bakumva ibyo yavugaga? Abantu ibihumbi bitatu baje kuri Kristo ahongaho, Petero avuga ururimi rumwe. Yego rwose! Ni Imana yari irimo gukora ibitangaza. Petero, ku bari bateraniye aho, baribarimo abatuye muri Mezopotamiya, n'abanyamahanga, n'abahindukiriye idini ry'Abayahudi, kandi ibintu byose biturutse impande zose z'isi byari bihagaze aho... Petero ahagaze abwiriza mu rurimi rumwe, abantu bese baramwumva, kuko abantu ibihumbi bitatu bihannye bakabatizwa mu Izina rya Yesu Kristo ako kanya. Ni gute?

⁶⁶ Murareba, nshuti, sinshobora kwitega ko mwene Data wo mu idini ry'Abapentekote yabyemera ubugubu. Ariko ibyo mubikurikirane muri Bibiliya hanyuma mubimbwire igihe icyo ari cyo cyose aho bigeze bakiraga Umwuka Wera bakavugaga mu

rurimi batazi icyo bavugaga. Kandi niba ari uko babigezeho, Imana igenga byose... Bigomba kubaho buri gihe mu buryo bumwe.

⁶⁷ Noneho, sinshobora... Noneho, mu nzu ya Korne... Turibuka, ubwo twamanukaga i Samariya, mu ijoro ryakeye, twasanze nta kintu na kimwe cyanditswe ku byerekeye kumva mu rundi rurimi urwo ari rwo rwose, nta kintu na kimwe babivugaho. Ariko igihe bagendaga mu nzu ya Koruneliyo, aho hari amoko atatu atandukanye y'abantu, bavugaga mu ndimi. Kandi igihe babikoraga, niba barabikoze, barabibonye, Petero yravuze, nk'uko babibonye mu ntangiriro. Kandi bari bazi Abanyamahanga bari baragiriye ubuntu ku Mana, kubera ko bari bakiriye Umwuka Wera nk'uko babigenje mu ntangiriro. Hari ikibazo mfite hano, hari icyo nza kuvugaho mu minota mike iri imbere. Nifuzaga gushyiraho urufatiro, kugira ngo murebe icyo ari cyo.

⁶⁸ Noneho, sinshobora kwitega ko abantu bigishijwe ibitandukanye... Kandi muntege amatwi, bavandimwe banjye b'abapentekote nkunda. Ntabwo nabigishiriza hanze. Ibi ni... ntacyo nakora ngo ntere impaka. Ariko se niba tutasobanukiwe ukuri, tuzatangira ryari? Tugomba kugira ikintu kigomba kubaho hano kugira ngo tubigorore. Tugomba kubona ubuntu bwo kuzamuka hano nonha. Ukuri kugomba kugaragara.

⁶⁹ Umuntu yakora iki niba afite ubumga bwo kutumva, no kutavuga, kandi akaba atabasha kuvuga na gato? Ese yashobora kwakira Umwuka Wera? Byagenda bite se niba atagira ururimi mbere na mbere, kandi uwo mukene akaba ashaka gukizwa? Murabona? Ni Umwuka Wera, ni umubatizo. Kandi rero, izo mpano zose zisa n'izivuga mu ndimi, gusobanura indimi, ni nyuma yo kuza mu Mubiri binyuze mu mubatizo w'Umwuka Wera. Kuko izo mpano ziri mu Mubiri wa Kristo.

⁷⁰ Noneho, impamvu mvuga... Noneho, murebe hano. Mushobora gutekereza kiliziya Gatolika, ari ryo torero rya mbere ry'isi nyuma y'intumwa... Noneho kiliziya Gatolika yarateguwe, yewe, imyaka amagana nyuma y'urupfu rw'intumwa ya nyuma, imyaka magana atandatu na—nyuma y'intumwa, hafi y'Inama y'i Nikeya, ubwo abakurambere b'i Nikeya bateranaga bakishyira hamwe; hanyuma bagashyiraho itorero rusange, ryari itorero Gatolika. Ahongaho bashinze itorero ry'isi yose. Kandi ijambo *gatomika* risobanura "bireba isi yose"; ni ahanu hose. Bo... Roma—y'abapagani ihinduka Roma y'ubupapa. Bashyiraho papa ngo abe umuyobozi usimbura Petero, ibyo batekerezaga bakavuga bati Yesu yatanze urufunguzo rw'Ubwami. Kandi uwo Papa yari umuntu udakosa, kandi kugeza na n'ubu ni we ukorera Kiliziya Gatolika. Ibyo... Ijambo rye ni itegeko n'amabwiriza. Ni Papa udakosa. Ibyo byarakomeje.

⁷¹ Hanyuma, kubera ko batemeranyaga n'iyi nyigisho ya Gatolika, barishwe, batwikiwe ku giti, n'ibindi byose. Twese tuzi ko binyuze mu nyandiko zera za Josephus, n'*Igitabo cy'Abahowe Imana cya Fox*, n'ibindi bitabo bitagatifu... Hislop's *Two Babylons*, hamwe na—n'amateka akomeye. Noneho, nyuma y'imyaka magana atanu, nk'uko tubizi, mu bihe by'Umwijima, Bibiliya yakuwe mu bantu. Kandi byari—Byarahishwe n'umumonaki muto, n'ibindi, turabyumva.

⁷² Noneho nyuma y'igihe cy'Ivugurura rya mbere, ari ryo rya Maritini Luteri. Maze arasohoka avuga ko igaburo ry'Umunyagatolika riyitwaga umubiri—umubiri nyawo wa Kristo, byashushanyaga gusa umubiri wa Kristo. Kandi yajugunye igaburo ry'Imana ku rubaho rw'igicaniro, cyangwa ku ngazi, yanga kuryita umubiri wa Kristo nyawo, kandi yarabwirije ati: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." None, ntushobora kwitega ko itorero Gatolika ryemeranya na we, rwose ntabwo ari byo, iyo umutwe wabo udakora amakosa ubabwiye ngo oya. Nta kibazo.

⁷³ Hanyuma yaho Maritini Luther, yigishaga Gutsindishirizwa, John Wesley nawe yaje abwiriza Kwezwa. Kandi yabwirije ko umuntu, iyo amaze gutsindishirizwa (ni byiza) ariko ugomba no kwezwa, gusukurwa, umuzi w'ikibi ugakurwa muri wowe n'Amaraso ya Yesu. Noneho, ntushobora kwitega ko Abaluteriyani babwiriza iby'Ukwezwa, 'kuko batabikora.

⁷⁴ Nyuma y'uko Wesley yigishije kwezwa, ndetse n'izindi nyigisho nyinshi zijyanye nabyo, haje kuza a, Metodisiti ya Wesileyi, n'Abanazareni, n'abandi, batumye umuriro ukomeza kwaka mu gihe cyabo cyose, hanyuma haza Pentekote maze iravuga iti: "Erega, Umwuka Wera ni wo mubatizo, kandi tuvuga mu ndimi iyo tuwubonye." Yego rwose. Hanyuma ibyo bibaye, ntiwashoboraga kwitega ko Abanyanazareni, n'Abametodiste ba Wesileyi, n'ibindi nk'ibyo bashobora kwemera ibyo. Ntibashoboraga kubikora. Babyise shitani. Ni byiza. Ni iki cyabaye? Batangiye kugwa; Pentekote itangira kuzamuka. Noneho byarazamutse bigera aho Pentekote ihungabana. Yahindutse idini maze birasohoka, ntukagire ikindi kintu na kimwe wemera. Bafite amategeko n'amabwiriza yabo bwite, kandi ibyo bikemura ikibazo.

⁷⁵ Noneho, iyo Umwuka Wera winjiye ugahishura Ukuri kw'ikintu icyo ari cyo cyose kandi ukabihamya binyuze mu Kwigaragaza Kwe bwite no mu Ijambo Rye, ntushobora kwitega ko Abapantekote bavuga bati: "Nzemeranya nabyo." Ugomba guhagarara neza nk'uko Luther yabigenje, nk'uko Wesley yabigenje, n'abandi basigaye. Ugomba guhagarara kuri ibyo kuko igihe kigeze. Kandi ni byo bituma mba nk'igisimba kibi. Ni byo bituma mba umuntu utandukanye n'abandi.

⁷⁶ Kandi sinshobora gutangira nka Mwene Data w'igicro

cyinshi Oral Roberts na Tommy Osborn, na bo, kuko amatorero atazemeranya nanjye. Baravuga bati: “Yizera ikiruhuko cy’iteka ryose. Ni Umubatisita. Ntabwo yizera kuvuga mu ndimi nk’ikimenyetso cya mbere cy’Umwuka Wera. Muhunge uwo muntu!” Murabona?

⁷⁷ Ariko bazahura na byo. Imbonankubone. Bashobora guhangana n’Abaluteriyani, a—a Abametodisiti babishobora. Umupentekote ashobora guhangana n’Abametodiste. Nshobora guhangana n’Abapentekote. Ni ukuri rwose. Ni ukuri. Kuki ari uko bimeze? Turimo kugendera mu mucyo nk’uko na we ari mu mucyo. Murabona? Turimo kuzamuka mu muhanda witiriwe Umwami, kandi uko bigenda birushaho, ni ko ubuntu bwinsi butangwa, imbaraga nyinshi zigatangwa, Hatanzwe byinshi bidasanzwe. Kandi turi hano. Iki ni cyo gihe Umwuka Wera wamanutse mu ishusho y’Umucyo nk’uko Wari umeze mu ntangiriro, Inkingi y’Umuriro, nuko Arimenyekanisha Ubwe, akora ibintu nk’ibyo Yakoze akiri hano kw’isi. Yesu ati: “Wabwirwa n’iki ko ari ari ab’ukuri cyangwa ko atari bo? Muzabamenyera ku mbuto zabo. Unyizera wese, imirimo Nkora nawe azayikora. Dore ibimenyetso bizagenda n’abizera.”

⁷⁸ Noneho, bene Data b’Abapentekote. Ndi kumwe namwe. Ndi umwe muri mwe. Mfite Umwuka Wera. Navuze mu ndimi, ariko sinazibonye kugeza aho nakiriye nakiriye Umwuka Wera. Nabonye umubatizo w’Umwuka Wera; navuze mu ndimi, narahanuye, mpabwa n’impano yo kumenya, ubwenge, ubusobanuro, n’ibintu byose bibaho. Ariko sintegekwa n’ibyo bintu, kuko ubu ndi umwana w’Imana. Imbaraga, Umuriro w’Imana uri mu bugingo bwanjye; urwo rurimi rw’Umuriro ruri aho—rwaje imbere muri njye rutwika ibintu byose byari binyuranyije n’Imana, none nyobowe n’Umwuka Wayo. Yashoboraga kuvuga ati: “Jya hano,” nanjye nkagenda. “Jya hano,” nkagenda. “Vugira hano,” Nkaza kuvuga. “Maze ngakora ibi, biriya, ndetse n’ibindi.” Murankurikiye, nk’uko... Muyobowe n’Umwuka. Ngiyo Imana muri wowe, ikora ubushake Bwayo. Hatitawe ku kibazo icyo ari cyo cyose, Ikora ubushake Bwayo.

⁷⁹ Noneho, nimutege amatwi. Reka ndebe aho gusoma hano mbere y’uko dutangira ibibazo ku nteruro y’amagambo iri hano. Noneho, bivuye muri Bibiliya ya Vatikani, Umubumbe wa 7, 190—1205:

“Biragoye kumenya niba ari ijwi ry’abo bantu bavugaga mu rurimi rw’amahanga; cyangwa inkuru cyangwa ibihuha by’ibikorwa by’umuyaga udasanze wahushye cyane washimishije imbaga y’abantu.”

Ntibashoboraga kubyumva. Noneho nimurebe. Niba bari abantu...

⁸⁰ Reka ntange urugero. Dore itsinda ry'Abanyagalileya bakennye kandi bashaje. Kandi dore bari hanze mu muhanda. Ntibigeze babona ikintu nk'icyo: amaboko yabo ari hejuru mu kirere, baturutse muri icyo cyumba cyo hejuru, bamanuka ku rwego rwo hasi, bajyaye, buzujwe gusa; ntibigeze bavugaga. Murabona? Dore bamanuka banyuze ahongaho. Noneho, reka tuvuge ko bari hanze ahongaho bahungabanye muri ibi. Nuko rubanda baravugaga. . . Umugereki yanyirutseho, aravugaga, Mvuga Ikigalilaya.

Wiruke ujye aho ari maze umubwire uti: “None se ikibazo cyawe ni ikihe, wa muhungu we?”

⁸¹ “Nahawe Umwuka Wera. Imbaraga z'Imana zamanutse hariya muri cya cyumba. Hari ikintu cyambayehe. Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana!”

Kandi undi muntu hano, yaganiraga n'Umwarabu, na we akaba Umunyagalilaya uvuga i—Icyarabu.

⁸² Noneho, ntibashobora kuvuga niba ari umuyaga uhuha cyane wakururiye abantu hamwe ubwo imbaga y'abantu yateraniraga hamwe, Cyangwa se niba ari ukuvuga mu rurimi rw'amahanga bavugaga? Noneho, Bibiliya ntabwo rwose. . . Mufite ibintu bibiri mushobora kwitegereza. Byari. . . Umuntu wo hanze yaravuze ati “Bishoboka bite ko twumva buri muntu mu rurimi rwacu bwite twavukiyemo?” Ntibyaze ko bazivugaga, ahubwo barazumvaga.

⁸³ Noneho itsinda rimwe, abantu bamwe, basobanura ibi. Petero yakoze ku kintu maze aravugaga ati: “Yemwe bagabo b'i Galilaya, namwe abatuye i Yerusalemu, ibi mubimenye (abantu bavuze ko badafite ururimi rw'i Galilaya) Ibi mubimenyekanisha kandi mwumve amagambo yanyje (ni uruhe rurimi—yari arimo kuvuga mu ruhe rurimi, kuri bose?); kubera iki, aba ntibashinze nk'uko mubitekereza, murabona ko ari isaha ya gatatu y'umunsi, ariko ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo, ‘Kandi bizabaho mu minsi ya nyuma, ni ko Imana yavuze, nzasuka Umwuka wanyje ku mubiri wose. Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura.’” Yakomeje kugenda, aravugaga ati: “Mwebwe n'ibiganza byanyu bihumanye mwabambye Umwana w'Imana utagira inenge. Dawidi yari yaramuvuzeho. . . ntiyashoboraga kurekera ubugingo Bwe mu kuzimu, cyangwa ase ntabwo Yari kubabaza Uwera We ngo abore.” Maze aravugaga ati: “Mumenye ko uwo Yesu mwabambye Imana yamugize Umwami ndetse na Kristo.” Kandi ubwo babyumvaga. . . Amina! Ni inde? Buri muntu wese munsi y'amajuru. Byagenze bite? Ntabwo yavugaga ati: “Noneho, nzavugaga mu Kigalilaya; nzavugaga muri *iki*; kandi nzavugaga muri *iki*. . . ? . . .”

⁸⁴ Mu gihe Petero yari akivuga aya magambo, baravugaga bati: “Bagabo bene Data, mbese tugire dute kugira ngo dukizwe?”

Nuko Petero abaha umurongo ngenderwaho. Uko ni ko bigenda buri gihe. Murabona?

⁸⁵ Urazamuka, ukagana ku Mana, ukagenda hafi. Mubizi mute? Noneho, ubwo Luther yakiraga gutsindishirizwa, yabyise Umwuka Wera. Byari byo. Imana yabyinjijemo gato. Hanyuma Yavuze ngo iki? Wesley yakiriye Kwezwa, maze aravuga ati: “Muhungu, iyo uvugije induru, uba wawakiriye.” Ariko benshi barasakuzaga kandi ntawo bafite. Igihe Pentekote yavugaga mu ndimi—indimi zitazwi, baravuze bati “Twawakiriye.” Ariko benshi muri bo ntibari bawufite.

Nta bimenyetso nk’ibyo bihari bigaragaza ko mubizi. “Uburyo bwonyine bwo kumenya igitari,” Yesu yaravuze ati: “ni ku mbuto cyera,” imirimo y’Umwuka, imbuto z’Umwuka. Noneho iyo ubonye umuntu yuzuye imbaraga, yuzuye Umwuka Wera, hanyuma ukabona ubuzima bwahindutse. Ubona ibi bimenyetso bigendana n’abizera: “Mu Izina Ryanjye bazirukana amadayimoni, bazavuga indimi nshya. N’iyo inzoka yabaruma, ntabwo yagira icyo ibatwara. N’iyo banywa ikintu cyica, ntabwo cyabica. Bazarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Yewe! Ubu bwoko bw’ibimenyetso bijyana n’abizera. Ariko se wabyinjiramo ute? Izo mpano ziri mu Mubiri. Mwakwinjira mute mu Mubiri? Ntabwo ari ukuvuga mu buryo bwanyu; ahubwo nimubatizwe mu Mubiri umwe (Abakorinto ba mbere 12:13). Umwuka umwe twese twabatirijwemo muri uwo Mubiri kandi tukemererwa impano zose. Uwiteka abahe umugisha.

⁸⁶ Noneho, niba hari umuntu wumvise iyi kaseti cyangwa hari umuntu uri hano utabyemera, nimwibuke, mubikore mu rukundo, bene Data, kukondabakunda.

93. Ikibazo cya mbere kuri uyu mugoroba: Mwene Data Branham, ndatekereza ko televiziyo ari umuvumo ku isi. Ubitekerezaho iki?

⁸⁷ Uwabyanditse wese, ndemeranya nawe. Bayigize umuvumo ku isi. Yashoboraga kuba umugisha ku isi, ariko bayigize umuvumo. Ikintu nk’icyo, nshuti zanjye, ni ibyo mureba ubwanyu. Niba televiziyo ari umuvumo, ikinyamakuru ni umuvumo, radiyo ni umuvumo, kandi akenshi na telefone ni umuvumo. Murareba, murareba, murareba, murareba? Ni ibyo muyikoresha. Ariko kubera ko uwo mwene Data yavuze mu ijoro ryakeye, ko nta gahunda na zimwe ziri kuri televiziyo zikigaragara; ayo ni amafaranga menshi cyane. Ababwiriza b’abakene babwiriza Ubutumwa Bwiza bwuzuye ntibashobora kwishyura gahunda kuri televiziyo. Rero ubwo... Mwene Data yaravuze mu ijoro rishize, ndizera, ahantu runaka, ati: “Kura ivumbi kuri radiyo yawe,” cyangwa undi muntu, cyangwa, “Wongere ubigarure maze wumve ibiganiro byabo.” Ni byo koko.

⁸⁸ Ariko, muntu mwiza, uwo uri we wese, ndemeranwa nawe rwose. Yabaye kimwe mu bintu byavumwe kurusha ibindi ku

nyoko muntu. Muri ibyo ahongaho bafata aya mafaranga yose agomba kujya muri leta kugira ngo acibwe imisoro, kandi akajya gushyirwa mu kwamamaza kuri gahunda zose z'itabi na wisiki n'ibindi nk'ibyo, kandi bakabyandikaho imisoro ya leta; hanyuma bakaza bakazana abavugabutumwa bakabakurira mu rukiko kugira ngo bahabwe amafaranga make. Ndemeranya nawe, ni ikintu kibi cyane. None, ibyo si byo... Murabizi, ni ikintu gusa mubona. Murakoze, mushiki wanjye, mwene Data, uwo ari we wese wambajije iki kibazo.

94. Noneho, dore hano hari ikindi kibazo cyiza. Ikibazo: Hari ahantu muri Bibiliya nko muri 1 Samweli 18:10, havuga ngo umwuka mubi uturutse ku Mana ni wo wakoze ibintu. Sinsobanukiwe “umwuka mubi uturuka ku Mana.” Ndakwinginze nsobanurira ibi.

⁸⁹ Ni byiza, birashoboka ku bufasha bw'Uwiteka, ndabishobora. Ntibivuze ko Imana ari Umwuka mubi. Ariko buri mwuka w'ikintu cyose ugengwa n'Imana. Kandi Ikora byose uko bukurikije uko Ishaka. Murabona?

⁹⁰ Noneho, ku kibazo cyawe, urimo kuvuga ku mwuka mubi wavuye ku Mana ukajya kubuza Sawuli amahoro. Yari ari mu kirere kitari cyiza, yacitse intege—uburyo yari arimo, kuko, mbere na mbere, yari yasubiye inyuma. Kandi iyo usubiye inyuma, umwuka mubi—Imana yemerera umwuka mubi kukubuza amahoro.

⁹¹ Ndashaka kubasomera ikintu mu kanya gato. Hari ikindi gitekerezo mfite kuri byo hano. Murabona? Buri mwuka ugomba kugandukira Imana. Muribuka igihe Yehoshafati na Ahabu bajyaga ku rugamba? Kandi ikintu cya mbere muzi, ni uko ahongaho bari—bari bashyizwe mu marembo. Kandi Yehoshafati yari umugabo w'umukiranutsi, maze aravuga (abami bombi bicaye aho, maze bahuza ingabo zabo) nuko aravuga ati: “Reka tubaze Uwiteka niba tugenda cyangwa niba tutari bugende.”

⁹² Ahabu aragenda azana abahanuzi magana ane yari afite, bose, abaragaburira kandi abafata neza mu buryo bwose; bari bameze neza. Bagezeyo, bose bahanurira icyarimwe, bati: “Genda, Imana izaguha kunesha. Zamuka ujye i Ramoti-Gileyadi, ni ho Imana izita ku bintu ku bwawe.” Umwe muri bo yikoreye amahembe abiri maze atangira kwiruka nko gutanga urugero, aravuga ati: “Ukoresheje aya mahembe y'icyuma, uzabasunika bawe mu gihugu; ni icyawe.”

⁹³ Ariko murabizi, hari ikintu cyerekeye ku bijyanye n'umuntu w'Imana utajya muri ibyo byose. Murabona? Niba bitajyanye n'Ibyanditswe Byera, hari ikintu kitagenda neza. Uwizera uwo ari we wese w'ukuri... Nuko Yehoshafati aravuga ati: “Erega, abo bantu magana ane basa neza. Basa n'abantu beza.”

“Yoo, bari,” birashoboka ko Ahabu yavuze.

Ariko Yehoshafati aravuga ati: “Mbese nta wundi mufite?” Kuki hataza undi kandi mufite abantu magana ane bahuje umutima? Kubera ko yari azi ko hari ikintu kitari cyumvikana neza. Ese turi kumwe?

Aravuga ati: “Yego, twabonye umwe, mwene Imura, hariya,” ati: “ariko ndamwanga.” Ni byo. Uzafunga itoreri rye igihe cyose ubishoboye. Uzamwirukana mu gihugu. Murabyumva? Yego. “Ndamwanga.”

“Kuki umwanga?”

“Ahora ampanurira ibibi.” Ndizera ko Yehoshafati yari azi ako kanya ko hari—hari ikintu kitari cyiza.

Nuko aravuga ati: “Nimuzamuke muzane Mikaya.”

Nuko baramukurikira, maze araza... Nuko barazamuka, bohereza intumwa bati: “Noneho, tegereza gato. Noneho, bafite Abadogiteri magana ane b'Iyobokamana hariya. Ni bo barusha abandi bese mu gihugu, bafite impamyabumenyi y'ikirenga PhD, impamyabumenyi y'ikirenga LLD's, n'ibindi byose.” Yaravuze ati: “Noneho, urabizi, wa mugabo muto we utarize, ntuze kuvuguruzanya n'abo bapadiri bese.”

⁹⁴ Imula yavuze ibi ngo, cyangwa ndashaka kuvuga Mikaya wavuze ibi ngo: “Nta kintu na kimwe nzavuga kugeza igihe Imana izagishyirira mu kanwa, hanyuma nkavuga neza icyo Ivuga.” Ndabikunda. Ibyo ndabikunda. Mu yandi magambo, “Nzafatira hamwe n'Ijambo.” Ntitaye ku cyo abandi bese bavuze. Yaravuze ati: “Ni byo,” aravuga ati: “Ndakubwira. Niba udashaka kwirukanwa, byaba byiza uvuze nka byo.”

Nuko aragenda ajyayo. Aramubaza ati: “Njyeyo?”

Aravuga ati: “Komeza.” Aravuga ati: “Mubanze mumpi iri joro. Mureke mvugane n'Uwiteka.” Ibyo ndabikunze. Nuko muri iryo joro Uwiteka aramubonekera, bukeye bwaho arazamuka. Maze aravuga, ubwo yari arimo kuzamuka, yaravuze ati: “Komeza; ariko nabonye Abisirayeli bameze nk'intama zitagira umushumba, batatanye ku misozi.” Yoo, mbega! ibyo byatumye agwa amarabira.

Maze aravuga ati: “Sinababwiye? Nari mbizi. Neza neza uko ni ko ahora abikora, iteka avuga ibintu bibi kuri njye.”

⁹⁵ Kubera iki? Ahagaze mu Ijambo. Kubera iki? Umuhanuzi imbere ye, Ijambo ry'Imana ryaturutse kuri Eliya, umuhanuzi nyawe, yaravuze ati: “Kubera ko wamennye amaraso y'inzirakarengane ya Naboti, imbwa na zo zizarigata amaraso yawe.” Nuko amubwira nabi. Elisha yagiye mu Ijuru. Ariko yari azi ko Elisha yari afite Ijambo ry'Imana, rero yagumye ku Ijambo. Ibyo ndabikunda. Kugumana n'Ijambo.

⁹⁶ Niba Bibiliya ivuga ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ari ko ari, kandi ari ko azahora iteka ryose; Imbaraga Ze ni zimwe; Umwuka Wera ni icyifuzo cy'abantu bese, baza,

kugumana n'Ijambo. Yego mugenzi! Uko abandi bose bavuga kose. Uburyo barya neza n'amashuri menshi banyuzemo, ntaho bihuriye nabyo.

Hanyuma aravuga...Uyu mugabo munini cyane ufite amahembe ku mutwe, agiye kuyasunika—igihugu kiva mu bushobozi bw'umwami, yaramwegereye amukubita mu kanwa (uyu muvugabutumwa muto). Yari azi ko yari umukiranutsi muto gusa ku buryo nta kintu na kimwe cyari kumuvugwaho, maze habura uwamwishimira. Aravuga ati: "Ndashaka kukubaza ikintu." Yarmubajije ati: "Ni iyihe nzira Umwuka w'Imana wanyuzemo ubwo wavaga muri njye niba warawubonye?"

⁹⁷ Yaramusubije ati: "Uzabyumva igihe uzaba wicaye mu kato hanze nk'imbohe." Aravuga ati: "Nabonye Imana yicaye ku ntebe y'ubwami (Amina! Noneho mwumve!), kandi ingabo z'Ijuru ziteranira hafi Yayo." Ikibazo cyari ikihe? Umuhanuzi we yari yaramaze kuvuga ibizaba kuri Ahabu. Imana... Ntabwo yari Eliya wavuze ibyo; yari umuhanuzi wasizwe. Iryo ryari Ijambo ry'Uwiteka, UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Mikaya aravuga ati: "Nabonye ingabo zose zo mu ijuru ziteraniye hamwe zikikije Imana mu nama ikomeye. Kandi baraganiraga umwe ku wundi. Uwiteka aravuga ati: 'Ni inde twatuma amanuka, ni nde muri mwe ushobora kumanuka akayobya Ahabu, kugira ngo ajye hanze kugira ngo asohoze Ijambo ry'Imana, kugira ngo araswe? Ni inde twabona ngo ajyeyo?'"

⁹⁸ Rero, uwo yavugaga *ibi* cyangwa *biriya*. Nyuma y'igihe gito, umwuka mubi, umwuka w'ibinyoma wavuye muni uravuga uti: "Niba wari unyemereye gusa. Ndi umwuka w'ibinyoma. Nzamanuka ninjire muri abo babwiriza bose, kuko badafite Umwuka Wera; kandi nzabikora (ni abahungu bize amashuri gusa)—maze nzamanuka, maze ninjire muri buri wese muri bo, maze mbashukashuke, ntume bahanura ibinyoma." Ese yarabivuze? Maze aravuga ati: "Uko ni ko tuzabashuka." Nuko aramanuka.

Aravuga—Imana iravuga iti: "Ufite uburenganzira Bwanjye bwo kugenda."

⁹⁹ Maze aramanuka yinjira muri abo bahanuzi b'ibinyoma, batorejwe mu ishuri, maze atuma bahanura ibinyoma. Byari umwuka mubi ku bushake bw'Imana. Mureke... Ikindi kintu mushobora kubona hano, umunota umwe gusa. Nimwitegereze ibi. Ndashaka ko muhindukira tukajyana mu Bakorinto ba Mbere igice cya 5, umurongo wa 1, umunota umwe gusa. Abakorinto ba mbere... Kandi murebe ibi niba hari icyo mushaka kubona, Imana ikora ikintu—uburyo icyo myuka mibi, uko ibyo biza—bazagenda... Ni byo, Pawulo arimo kuvuga:

Birazwi muri rusange hari ubusambanyi, muri mwe kandi ubwo busambanyi buta...ku buryo

butavugwa mu banyamahanga... (Mubitekerezaho iki mu itorerwa?)... *uwo muntu agomba kugira muka se.*

Kandi murirata, ariko ntimura... (Reka turebe. Ndizera ko nahinduye amapaji abiri ku...)... *Muri—Kandi murirata, ntimwababaye cyane, kuko...* (Noneho, mutegereze gato hano. Ese ndi... Yego, ni byo. Yego.)... *ndababaye...* (Ni byo rwose.)... *ndimo kwirata, kandi nta...* *ndababaye, kugira ngo uwakoze iki gikorwa akurwe muri mwe.*

¹⁰⁰ Simbizi. Sinizera ko hari uwavuga ibi cyangwa ngo agabanyeho, ariko ndimo kurengera ibyo nizera gusa: Iyo umuntu amaze kuzuzwa Umwuka ntashobora kuwutakaza. Muri kubyumva, murabyumva?

Kuko jyewe ubwanjye, n'ubwo ntari mpari mu mubiri, ariko nkaba ndiho mu mwuka, namaze guca urubanza nk'aho ndi, ku byerekeye uwakoze iki gikorwa,

Mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, nimuteranira hamwe, n'umwuka wanjye, n'imbaraga z'Umwami Yesu Kristo,

Mugamije kwegurira uwo muntu kuri Satani kugira ngo umubiri we ubabazwe, kugira ngo umwuka ukizwe mu gihe cy'Umwami Yesu.

¹⁰¹ Imana, ibwira Itorerwa rya, ari ryo mubiri Wayo hano kw'isi, ko (noneho, ibi ni nyuma y'Isezerano rya Kera, mu Isezerano Rishya) ibwira umugabo wari wanduye cyane mu bantu ko yabanaga na muka se. Iti: "Ikintu nk'icyo mu mubiri wa Kristo... Wowe, Torero, mushyire mu maboko ya satani kugira ngo arimbuke..." Murabona? Imana irareka... Kandi icyo ishaka ko hari ikintu gikorwa, kugira ngo ikubite umuntu, Izemerera imyuka mibi kugira ngo ibababaze uwo muntu kandi—kandi ikayamukuramo. Noneho, dusanze uyu mugabo nyuma...

¹⁰² Ni cyo kibazo cy'amatorero y'uyu muni. Iyo umuntu yinjiye mu Mubiri wa Kristo agahinduka rumwe mu zigize ingingo agatangira gukora ibibi, aho kugira ngo mwese muterane mukore ikintu kimwe... Namwe, bo mu Rusengero rwa Branham, murabikora. Kubera ko igihe cyose we mumushyira hejuru, aba ari muni y'Amaraso. Kandi ahora akora ikintu kimwe cya kera kenshi na kenshi no mu bihe byose. Muraterana maze mukamushyira mu maboko ya satani kugira ngo umubiri we ubabazwe, kugira ngo umwuka we ube—nka—ashobora gukizwa mu gihe cy'Uwiteka. None murebe ikiboko cy'Imana kiraje. Murebe satani imufashe ikamumeza. Uwo ni umwuka mubi umufashe.

¹⁰³ Nuko uyu muhungu aragororoka. Aragaruka. Tubisanga mu gitabo cya Kabiri cy'Abakorinto aho yiyeje neza imbere y'Imana.

¹⁰⁴ Murebe Yobu, umugabo utunganye, umuntu w'umukiranutsi. Kandi Imana yemereye dayimoni mbi kumugeraho, no kumubabaza, n'ibindi byose kugira ngo umwuka we utungane. Murabyumva? Rero imyuka mibi imaze... Imana ikoresha imyuka mibi incuro nyinshi kugira ngo ishyire mu bikorwa umugambi Wayo n'ubushake Bwayo.

95. Noneho, dore kimwe mu by'ukuri kibigaragaza. Ikibazo (Ndatekereza ko ari umuntu umwe, 'kuko inyandiko imeze nk'aho umukono ari umwe): **Niba umuntu agomba kugira Umwuka Wera kugira ngo abe—agire Umwuka Wera kugira ngo ahinduke maze ajye mu izamurwa, abana bapfuye mbere y'imyaka yo kubazwa inshingano bazaba bameze gute? None se bazazuka ryari?**

¹⁰⁵ Noneho, mwene Data, mushiki wanjye, sinabasha kubibabwira. Nta Byanditswe bibivugaho muri Bibiliya nk'uko nshobora kubibona ahantu hose. Ariko nshobora kugaragaza ibitekerezo byanjye. Noneho, ibi biraza kubatera kwizera ubuntu bw'Imana. Murabona, uwo muntu arashaka kumenya (icyo ni ikibazo cyiza cyane. Murabona?) uwo muntu ashaka kumenya izuka—ni iki kizaba ku mwana muto, niba agomba kugira Umwuka Wera kugira ngo ajye mu Izamurwa... Nk'uko nabivuze, ni byo. Ibyo bikurikije Bibiliya. Ibyo ni inyigisho y'Ibyanditswe. Atari ku—atari ukujya mu Ijuru... Kuko Umwuka Wera iyo wuzuye abantu aba ari umuzuko wa mbere, Abatoranijwe. Kandi abasigaye muri abo... Abapfuye basigaye ntibazabaho imyaka igihumbi. Nyuma y'Imyaka igihumbi, hazabaho umuzuko wa kabiri, Intebe Yera y'urubanza ikomeye. Murareba? Ni byo rwose ni Bibiliya. Ariko uyu muntu arashaka kumenya iki kuri aba bana bato. Bo... Mu yandi magambo, baba barigeze kugira Umwuka Wera mbere y'uko bavuka? Ese barawakiriye? Rero, ibyo sinabibabwira.

¹⁰⁶ Ariko noneho, reka tuvuge dutya: Tuzi ko abana bato bapfa, hatitawe ku kuba babyeyi babo, barakijijwe. Noneho, sinemeranya n'ishuri ry'abahanuzi kuri ibyo. Bavuze ko niba byari—ubwo yapfuye afite umubyeyi w'umunyabyaha, ko uwo mwana yari kuzajya ikuzimu, akabona; nta kindi cyaba gikwiye. Nuko Yesu... Yohana yaravuze igihe Yesu yazaga ati: "Dore umwana w'Intama w'Imana ukuraho icyaha cy'abari mw'isi." Niba kandi uriya mwana muto yari ikiremwa muntu, kigomba kuza imbere y'imanza z'Imana, kandi Yesu yarapfuye kugira ngo akureho icyaha, ibyaha byose byirukanwe imbere y'Imana igihe Yesu yapfaga kubw'iyo ntego. Ibyaha byawe byarababariwe. Ibyaha byanjye byarababariwe. Kandi uburyo bwonyine ushobora kubabarirwamo ni ukwemera imbabazi Ze. Noneho, umwana muto ntashobora kwemera imbabazi ze, rero ntacyo yakozwe. Nta kintu na kimwe yakozwe. Rero ni ubuntu rwose kujya mu Ijuru.

¹⁰⁷ Ariko uzavuga uti: "Ese bazajya mu Izamurwa?" Noneho—

ubungubu, iri ni ijambo ryanjye bwite; iki ni igitekerezo cyanjye ubu. Ntabwo... Sinshobora kubihamya nifashishije Bibiliya. Ariko murebe. Niba Imana, mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi, yari izi buri muntu wese waba warigeze kubaho kw'isi... Ese murabyizera? Yari azi buri muswa, buri nyenzi, buri sazi, Yari izi ibintu byose bizabaho ku isi. Niba Yari izi ko...

¹⁰⁸ Murebe. Reka dufate urugero, Mose. Igihe Mose yavukaga, yari umuhanuzi. Mbere ya Yeremiya... Imana yabwiye Yeremiya iti: "Mbere y'uko uremwa mu nda ya nyoko, utararemwa mu nda ye, nari nkuzi, ndakweza, nkugira kuba umuhanuzi w'amahanga." Yohana Umubatiza, imyaka magana arindwi na cumi n'ibiri mbere y'uko avuka, Yesaya yaramubonye mu iyerekwa, aravuga ati: "Ni ijwi rya wawundi urangururira mu butayu."

¹⁰⁹ Gutoranywa mbere y'igihe cyangwa kumenywa mbere y'igihe kw'Imana iba izi byose ku byerekeye abana bato (murabona?), icyo bagombaga gukora. Kandi Yari izi ko bazapfa. Yari ibizi. Nta kintu gishobora kubaho Imana itakizi. Nta kintu gishobora kuba ku... Nk'uko Umwungeri Mwiza, uko Yinjira mu... Noneho, kugira ngo tubifate nk'uko Ibyanditswe Byera bibigaragaza, Sinshobora kuvuga ko Ibyanditswe bivuga *ibi-na-ibi*. Ndimo kubifata nk'igitekerezo cyanjye gusa.

96. Noneho, ikibazo gikurikiraho ni kimwe nkeka ko wenda hari umuntu wari umeze nk'uko nabivuze mu ijoro ryakeye. **Sobanura umugore ukizwa mu kubyara umwana.**

¹¹⁰ Umugore ntabwo yakijijwe no kubyara umwana. Ariko reka duhindukire noneho turebe muri Timoteyo wa mbere 2: 8 umunota umwe. Reka dushake gusa icyo Bibiliya ivuga ku byerekeye umwana. Noneho, ndabizi ko iyo ari inyigisho ya Gatolika, ko Gatolika ivuga ko umugore akizwa no kubyara, mu kubyara umwana. Ariko reka... simbyizera. Timoteyo wa mbere igice cya 2, hanyuma dutangirire ku murongo wa 8, maze dusome akanya gato. Ni byo, nimutege amatwi.

Mu buryo nk'ubwo, abagore banyu bagomba kwishima bambaye imyambaro ikwiye... (Ntidukwiye kubaza ibyo, si byo se? Nimutege amatwi ibi)... ni ibiteye isoni... (Yoo!)... kandi bibabaje; atari ukuboha umusatsi, cyangwa zahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igicro cyinshi; (Bavandimwe, ndimo kubafasha hano, ndabyizeye. Izi ngofero nshya zose buri muni cyangwa iminsi itatu. Murabona? Ibyo ntabwo ari ukuba Abakristo.)

Ahubwo (ibikwiriye abagore bavuga ko bubaha Imana) bagakora imirimo myiza.

Reka umugore wawe yigane ituza hamwe no kuganduka rwose.

Ariko sinemera ko umugore yigisha, cyangwa ngo ategeke...umugabo, ahubwo agire...ituza.

Kubera ko Adamu ari we wabanje kuremwa, nyuma hagakurikiraho Eva.

...Adamu ntiyashutswe, ahubwo umugore ni we washutswe ahinduka umunyabicumuro.

Nyamara azakizwa no kubyara niba...(Noneho, ntabwo ari ku mugore w'isi, ufite abana)...niba akomeje mu kwizera...(Murareba? Niba akomeje. Asanzwe ari...Uwo ni we mugore avuga, umugore wamaze gukizwa. Murabona?)...ni urukundo n'ubugwaneza ku buryo bwose.

¹¹¹ Kubyara umwana si byo bimukiza, ahubwo ni ukubera ko arera abana, akora inshingano ze, kutarera injangwe, imbwa, n'ibindi byose ngo bifate umwanya w'umwana, nk'uko babikora muri iki gihe, Kubiha urukundo rw'umubyeyi kugira ngo aje hanze yiruke ijoro ryose. Hari abantu babikora. Mumbabarire, ariko barabikora. Ibyo mbivugana umujinya mwinshi cyane, ariko ukuri ni ukuri. Murabona? Ntibashaka ko umwana amenyerana na byo. Ariko mu kubyara, niba akomeje kwizera, kwera no kwirinda, azakizwa. Ariko *niba* ni, nawe uzakizwa, *niba* waravutse ubwa kabiri. Uzakira *niba* ubyizera. Ushobora kwakira Umwuka Wera *niba* uwizera, witegure, *niba* uwiteguye. Kandi azakizwa nakomeza gukora ibi bintu (murabyumva?), ariko atari ukubera ko ari umugore. Ni byo, mwene Data, mushiki wanjye. Ntabwo ari inyigisho ya Gatolika, nta na gato. Noneho ndashaka...Dore kinkuruye cyane. Hanyuma dufite n'ikindi kimwe. Ndatekereza ko wenda tubifitiye umwanya. Nafashe umwanya wacu gusa. Noneho, ibi ni—ibi ni ingaruka z'ububuyutse gusa. Izi ni ingaruka z'amateraniro, ibi bibazo.

97. Noneho: Mwene Data Branham (byanditswe n'imashini), ese ni Ibyanditswe ku muntu uvuga mu ndimi no gusobanura ubutumwa bwe bwite? Niba ari byo, nyamuneka sobanura. Abakorinto ba mbere cyangwa Abakorinto 14:19, no mu Bakorinto 14:27.

¹¹² Ni byo, reka tujye muri ibyo Byanditswe maze turebe icyo bivuga. Hanyuma turareba niba ibi tubikurikiza mu Byanditswe Byera. Turashaka guhora dukurikiza Ibyanditswe Byera. N'Abakorinto 14. Noneho, uwo muntu arashaka kumenya niba bishingiye ku Byanditswe ko umuntu ashobora gusobanura ubutumwa bwe bwite yavuze mu ndimi. “Niba ari byo, sobanura Abakorinto 14:19.” Reka turebe, 14 na 19. Ni byo, ni hano turi.

Nyamara mu matorero...mvuga amagambo atanu mu bwenge bwanjye, kugira ngo nigishe abandi n'iji ryanjye, kuruta abantu ibihumbi icumi...mu...ndimi zitazwi.

Noneho, umurongo wa 27, barashaka kumenya.

*Niba hari uvuga ururimi rutazwi, havuge babiri,
cyangwa ba...batatu badasaga, kandi kubw'ibyo;
umwe avuge undi asobanure.*

¹¹³ Noneho, Ndafata icyo uwo muntu agerageza kugeraho (ibyo ndashaka—ngiye gusoma ikintu mu gihe gito gusa). Ariko ndatekereza ko icyo mwene Data cyangwa mushiki wacu agerageza kugeraho, “Ni byiza kubw’umuntu avuga mu ndimi kandi agasobanura ubutumwa yavuze?” Noneho, nshuti nziza, niba mubishaka musome umurongo wa 13 mu gice kimwe, kirababwira:

*Nuko rero uvuga mu rurimi rutamenyekana nasabe
kugira ngo ashobore gusobanura.*

¹¹⁴ Ni byo. Ashobora gusobanura ubutumwa bwe bwite. Noneho, niba gusa...Reka...Noneho, wowe...Soma byose hano, maze urabona ko ari...Soma icyo gice cyose. Ni cyiza cyane, kirabisobanura.

¹¹⁵ Noneho, kuvuga mu ndimi...Noneho, mu gihe turi kuri ibyo, kandi ibi bifashwe kuri kaseti, ndashaka kuvuga ko nemera cyane mu kuvuga izindi ndimi nk’uko nemera gukira indwara guturuka ku Mana, kandi u—umubatizo w’Umwuka Wera, Ukuza kwa kabiri kwa Kristo, n’ukoza kw’imbaraga z’isi; Ndizera ibyo kimwe n’uko bihuye n’uko nizera, ariko nizera ko kuvuga mu ndimi bifite umwanya wabyo nk’uko kuza kwa Kristo bifite umwanya wabyo; gukira indwara kuva ku Mana bifite umwanya wabyo; buri kintu cyose gifite umwanya wacyo.

¹¹⁶ Noneho, kuri mwebwe bantu, mfite amahirwe yo kuvuga ibi nonaha, kandi ndashaka kubisobanura. Kandi niba hari uwo nagiriye nabi, simbigambiriye. Singambiriye guteza urujijo. Ariko mutege amatwi. Ikibazo cyabaye ikihe mu kuvuga indimi zitazwi ku Bapentekote (njyewe ubwanjye ndi we; ndi Umupentekote. Murabona?)...Noneho, ikibazo cyabaye ni iki: ko batabyubaha. Ikindi kandi, barabireka gusa uko byagenda kose. Ntibagaruka ku Ijambo ry’Imana.

¹¹⁷ Noneho mwumve. Dore uburyo—reka—dore uburyo itorerwa rishinngwa. Noneho, mu itorerwa rya Pentekote, iyo mba ndi umushumba w’iri torero, ndababwira uko nari kurishinga (murabona?), iyo nza kuba ndi—mba ndi hano igihe cyose kugira ngo ndiyobore. Nakwemera impano zose zo muri Bibiliya. Bwira abizera mbere na mbere kubatizwa mu Mwuka Wera. Hanyuma, impano yose yo mu 1 Abakorinto 12 yagombaga kuba ikorera mu itorerwa ryanjye, iyo nshobora kuyinjizamo, umubiri wose ugakora.

¹¹⁸ Noneho, niba mubyiboneye...Ntabwo ndi gutanga icyitonderwa ubu. Kandi mwibuke ndamutse mvuze ijambo rimwe ritandukanye—naba ntutse Umwuka Wera. Kandi Imana izi ko ntavuze nabi. Murabyumva? Ariko ndavuga ibi kugira ngo ngerageze kubaha ishusho y’Ibyanditswe Byera nyuma y’imyaka

hafi makumyabiri mbisomye. Nabwirije imyaka igera kuri mirongo itatu. Kandi nanyuze muri byose, byose nabinyuzemo; mushobora kwiyumvisha uko byari bimeze. Kandi ndeba buri muntu, n'inyigisho zabo, ku isi yose. Kandi nkazitaho kuko ari zo zinshishikaje. Ni inyungu ku bantu uretse na nyje ubwanjye. Ngomba kuva hano. Mugomba kuva hano. Kandi ningenda nk'umuhanuzi w'ibinyoma, nzatakaza ubugingo bwanjye kandi ntakaze n'ubwanyu hamwe nanjye. Rero ni byinshi kuruta—ni byinshi kuruta umugati wa buri muni; ni byinshi kuruta gukundwa; ni byinshi kuruta ikindi kintu cyose; ni ubuzima kuri nyje. Murakurikira? Kandi ndashakaga guhora ndi umunyakuri cyane.

¹¹⁹ Noneho, mwinjire mu itorero rya Pentekote, ikintu cya mbere... (Ntabwo nshaka kuvuga yose muri yo. Amwe muri yo ni...) Akenshi winjira mu rusengeru ugatangira kubwiriza; Mu gihe urimo kubwiriza, umuntu agahaguruka akavuga mu zindi ndimi. Noneho, uwo muntu ukundwa ashobora kuba yuzuye Umwuka Wera, kandi uwo ushobora kuba ari Umwuka Wera uvugira muri uwo muntu, ariko ikintu cy'ingenzi ni uko bahuguwe. Niba uyu murimo wo ku ruhimbi ukiri muni y'ivuga ryo guhumekerwa, umwuka w'abahanuzi ugengwa n'umuhanuzi. Murabona? “Reka byose bikorwe...” Noneho, murebe hano muri Pawulo impamvu avuga ko “iyo umuntu avuze,” n'ibindi... “igihe yinjiraga, habaye urujijo gusa.”

¹²⁰ Noneho, maze igihe nkora umuhamagaro wo ku gicaniro, maze umuntu agahaguruka akavuga mu zindi ndimi. Biri gusa... Ni byo, byaba byiza ubaye uhagaritse guhamagara ku gicaniro. Birabihagarika. Murabona?

¹²¹ Hanyuma, ikindi kintu. Incuro nyinshi abantu barahaguruka bakavuga mu ndimi, maze abantu bakicara bahekenya shikareti, bareba hiryu no hino. Niba Imana irimo kuvuga, mukomeze mutuze, mwumve! Niba ari ukuri, niba ari Umwuka Wera uvugira muri uwo muntu, mwire mutuze mwumve, mwubahe Imana. Ubusobanuro bushobora kubageraho. Murabona? Mwicecekere; mutege amatwi mwumve ubusobanuro. Noneho, niba nta busobanuzi buri mu itorero, noneho bagomba gutuza mu mahoro yabo bari mu Mubiri.

¹²² Hanyuma, iyo bavuga ururimi rutazwi, Bibiliya iravuga ngo, nibavuge ubwabo bibwira imbere yabo n'imbere y'Imana. Uvuga indimi zitazwi aba yiyubaka. Noneho, izo ni indimi zitazwi; invugo, n'indimi z'ibihugu biratandukanye. “Ntacyo biri cyo,” aravuga... Ariko ikintu gitanga ijwi gifite icyo gisobanura. Ariko wowe... Iyo impanda ivuze, ugomba kumenya uko isa (...yivuze gusa) cyangwa ntuzamenya uburyo bwo kwitegura urugamba wowe ubwawe. Niba hari uvuga mu ndimi, kandi “akivuga gusa”; ibyo ni byo byonyine, ni uwamenya icyo gukora. Ariko iyo itangiye *guhamagara*, ibyo biravuga ngo “haguruka!” Iyo *inzogera* ivuze, bisobanura ngo: “manuka.” Murabona? Niba

iranguruye bivuze “rangurura.” Igomba gutanga ibisobanuro, kandi ntabwo ari ukuvuga gusa. Rero mu itorero, niba nta musobanuzi uhari, ariko aho hari umusobanuzi, noneho indimi ni zo zigomba kuba mu itorero.

¹²³ Noneho, ku kibazo cyawe, nshuti mukundwa, kivuga ngo, “Aho kuvuga amagambo ibihumbi bitanu... nahitamo atanu muri yo, bityo abantu bashobora kunyumva kurusha ibihumbi bitanu (cyangwa ikindi cyose avuga) mu rurimi rutazwi.” Ibyo ni ukuri. Ariko mukomeze musome: “. . .keretse ari ukubera ihishurirwa cyangwa gusobanurwa kugira ngo byubake.” Murabona? Kubaka.

¹²⁴ Noneho, ndagira ngo mbahe igitekerezo gito, byagenda bite se. . . Iyo nza kuba umushumba w’iri torero rimmo kuza, Imana ikampamagarira kuriyobora, dore uburyo nari kuriyobora: Nagerageza gushaka buri muntu wese wari ufite impano. Kandi nasaba abo bantu bagahura isaha imwe mbere y’uko amateraniro atangira, mu cyumba bonyine. Nkabareka bakicara muni y’ikirere cy’Umwuka. Kandi ikintu cya mbere muzi, umuntu aramanuka, afite impano yo kuvuga mu ndimi. Maze akavuga mu ndimi. Buri wese agaceceka. Hanyuma umwe agahaguruka agasobanura icyo avuga. Noneho, mbere y’uko ibyo bihabwa itorero, Bibiliya ivuga ko bigomba gusuzumirwa hagati y’abahamya babiri cyangwa batatu. Noneho, uwo ni umuntu ufite ubushobozi bwo kumenya umwuka (murabona?), ‘kuko inshuro nyinshi imbaraga z’umubi zinjiramo. (Murabona?) Pawulo yarabivuze. Ariko rero, imbaraga z’Imana nazo ziba zirimo. Mubwire itorero ritarimo umubi. Mubwire aho abana b’Imana bateranira Satani ntabe ari hagati yabo. Ni byose. Rero ntumugatinye ibyo. Murabyumva? Satani ari hose. Noneho, hano turi. Umuntu uvuga mu ndimi. Noneho, hari batatu bicaye aho bafite Umwuka w’uburondozi. Nuko umwe akavuga mu ndimi agatanga ubutumwa. Noneho, ntabwo ari ugusubiramo Ibyanditswe Byera, ‘kuko Imana idakoresha amagambo atagira umumaro, kandi Yatubujije kubikora. Murareba? Ntabwo ari ibyo. Ni ubutumwa bujyanye n’itorero.

¹²⁵ Kugeza ubu twageze ku bintu bibiri muri ubu bubyutse. Murebe ukuntu buri kintu muri byo cyari—gitunganye, neza neza. Murabona? Yimukiyemo. Umugabo umwe arahaguruka, avuga mu ndimi, maze atanga ubusobanuro, nuko ahita ahindukira, yemeza ubwo butumwa buherutse gusohoka. Undi yarahagurutse mu ijoro rikurikiyeho, maze avuga mu—ayobowe n’ubuhanuzi, maze avuga ikintu, atazi icyo yavugaga; hanyuma arangije aravuga ati: “Hahirwa uje mw’Izina ry’Umwami.” Mu kanya gato hari ikintu cyamfashe vuba cyane kirambwira kiti: “Bitabaye ibyo, hahirwa uwizeye ko uyu ari we Mwami waje.”

¹²⁶ Murebe hagati—hanyuma Umwuka Wera yamanutse mu nyubako mu ijoro ryakeye. Murabona? Ibyo ni kubwo kubaka. Nari mpagaze hariya ngerageza kubwira abantu ko bagomba

kwakira Umwuka Wera. Kandi dayimoni yari yinjiye ikikije abantu, ibabwira iti: "Ntimutege amatwi; mukomeze mwicare."

Mushiki wanjye yaravuze ati: "Bill, narishimye cyane ubwo wabwirizaga; numvaga nahaguruka ngasimbuka nkarenga urukuta."

Ndavuga nti: "Haguruka usimbuke." Ibyo gusa.

Na we ati: "Ariko ubwo wari ugiye gukora ibyo," arongerera ati: "abantu batangiye gusakuza," Aravuga ati: "nyuma numvise meze nk'aho nta cyo ndi cyo."

¹²⁷ Ndavuga nti: "Iyo ni idayimoni. Uwo ni Satani. Ubwo azinjira agakora ibyo," naravuze nti: "wagombye guhaguruka uko byagenda kose." Turi abatambyi b'Imana, dutanga ibitambo by'umwuka—ibitambo, imbuto z'iminwa yacu zisingiza Izina Ryayo. Murabona?

¹²⁸ Noneho, rero, dore uko byagenze. Hanyuma Umwuka Wera araceceka, 'kuko byari... "Hahirwa uwizeye." Amajoro abiri, atatu yikurikiranya nagerageje kubishyiramo; hanyuma, Umwuka Wera aravuga (munsi yo guhumekerwa) aravuga ati: "Hahirwa uje mw'Izina ry'Uwiteka." Kandi mbere y'uko mvuga ikintu icyo ari cyo cyose, nari maze kubivuga. "Hahirwa uwizeye ko Umwami yaje muri ibi." Murabona? Kandi nari ndimo kubivuga gusa, Umwuka Wera ni Imana muri wowe. Murareba? Nuko bahita babifata. Murareba? Hanyuma Umwuka Wera amanukira mu bantu. Murabona uburyo bi—byubaka, ubuhanuzi?

¹²⁹ Noneho, hari itandukaniro hagati y'ubuhanuzi n'umuhanuzi. Ubuhanuzi buva kuri umwe bujya ku wundi, ariko umuhanuzi avukira muri beriso ari umuhanuzi. Bafite UKU NI KO UWITEKA AVUZE! Nta guca imanza biri muri bo. Ntabwo wababona bahagaze imbere ya Yesaya, cyangwa Yeremiya, umwe muri abo bahanuzi, kuko bafite UKU NI KO UWITEKA AVUZE! Ariko umwuka w'ubuhanuzi hagati mu bantu; ugomba kubyitegereza, 'kuko Satani azabyinjiramo. Murabona? Noneho. Ariko bigomba gusuzumwa.

¹³⁰ Ubu, tugiye—tugiye kugira ububutse. Noneho, ubu nimurebe neza, mwebwe abakozi b'Imana. Turimo gutegura ububutse. Ni byiza. Cyangwa wenda turimo gukora amateraniro asanzwe mu rusengero. Itorero ririmo kugurumana. Rigomba kuba rihari igihe cyose. Wenda dushobora kugira abantu batanu cyangwa batandatu bafite impano; umwe avuga mu ndimi, babiri cyangwa batatu wenda bavuga mu ndimi, bane cyangwa batanu bavuga mu ndimi, Bafite impano yo kuvuga mu ndimi zitazwi. Babiri cyangwa batatu muri bo bashobora gutanga ubusemuzi. Birashoboka ko hari umwe—babiri, cyangwa batatu muri bo bafite impano y'ubwenge. Yemwe. Bose barahura, abo bantu bafite impano... Wowe... Izo mpano uhawe si izo gukuzikinisha, si ukuvuga uti: "Imana

ihabwe icyubahiro, mvuga mu ndimi! Haleluya!” Uzaba—uri—uri kwitesha agaciro. Ziri aho, warazihawe ngo uzikoreshe. Kandi uruhare rwanyu mu itorero rugomba kuza mbere y’uko iteraniryo ritangira, kuko abatarize bazaba bari muri twe.

¹³¹ Hanyuma ujye mu cyumba, wicareyo, wowe n’abantu muri kumwe, kuko muri abakozi bakorana mu murimo w’Ubutumwa bwiza. Hanyuma mwicare ahongaho. “Mwami, hari icyo Ushaka ko tumenya muri iri joro? Vugana natwe, Data wo mu ijuru,” muzamure isengesho, mwinginge; muririmbe indirimbo. Mu buryo butaziguye Umwuka araza, amanukira ku muntu, aravuga mu ndimi. Umwe arahaguruka aravuga ati: “UKU NI KO UWITEKA AVUZE.” Ibi ni ibiki? Mutege amatwi. “Genda ubwire umuvandimwe Jones ngo yimuke aho atuye, kuko ejo nyuma ya saa sita hazabaho inkubi y’umuyaga ikwirakwira muri icyo gihugu; kandi bizagera ku nzu ye. Afate ibintu bye maze agende!”

¹³² Noneho, ibyo—ibyo byumvikana neza. Ariko tegereza gato. Hagomba kubaho abagabo batatu bafite Umwuka wo gushishoza. Umwe muri bo akavuga ati: “Byari biturutse ku Uwiteka.” Undi ati: “Byari biturutse ku Uwiteka.” Abo ni babiri kuri batatu—abatangabuhamya babiri cyangwa batatu. Nta kibazo. Ibyo babyandika ku rupapuro. Ibyo ni byo Umwuka yavuze. Yemwe. Basubira gusenga, bagashimira Uwiteka.

¹³³ Nyuma y’igihe gito, “UKU NI KO UWITEKA AVUZE (umuhanuzi arahaguruka) UWITEKA ARAVUZE, muri iri joro, umugore araza kuza aturutse mu Mujyi wa New York; ari ku gatanda k’abarwayi; Arinjira mu nyubako ari ku gatanda k’abarwayi. Afite igitambaro cy’icyatsi kibisi ku mutwe we. Arimbejwe na kanseri. Ni yo yatumye abaho muri ubu buryo, Uwiteka yaramutereranye: igihe kimwe yibye amafaranga mu Itorero rye afite imyaka cumi n’itandatu. Ubwire Mwene Data Branham ngo amubwire ibi bintu. UKU NI KO UWITEKA AVUZE, nabikosora neza, azakira.” Tegereze gato. Ibyo birumvikana neza, ariko tegereze gato. Ugiye kwandika izina ryawe kuri uru rupapuro, uri umuhanga mu gusesengura? Ugiye kwandika izina ryawe?

¹³⁴ “Byari iby’Uwiteka.” Umwe ati: “Byari iby’Uwiteka.” Hanyuma—hanyuma mubyandike, ni “UWITEKA ARAVUZE, muri iri joro umugore azinjira, *ni koko-ni koko*.” Ufite ubushishozi bwo kurondora umwuka, babiri cyangwa batatu muri bo babishyireho umukono n’izina ryabo. Ubu butumwa bwose bwatanze. Ni bwo.

¹³⁵ Hanyuma nyuma y’igihe gito batangira kumva inzogera ivuga. Itorero ryatangiyeye gufata iya mbere. Hanyuma bazana ubu butumwa, babushyira hano ku meza. Aha ni ho bagomba kuba bari. Ndi ahantu ndimo kwiga, nsenga. Nyuma y’akanya gato ndasohoka indirimbo zirimo kuririmbwa. Itorero ryose

riri mu murongo, abantu baza, bicara, batekereza, basenga; ni byo mugomba gukora. Ntimukajye mu rusengero ngo muganire, ahubwo muje muje mu rusengero kuvugana n'Imana. Mukorere ubusabane bwanyu hanze. Murabona? Ubu turimo gusabana n'Imana. Kandi tuza hano tukaganira, ibintu byose bituje, mu buryo bwo kubaha, Umwuka urimo ugendagenda. Umucuranzi wa piyano aze kuri piyano iminota itanu mbere y'uko isengesho ryo kuririmba ritangira, atangire neza cyane:

Munsi y'umugaraba aho Umukiza wanjye
yapfiriye,

Munsi hariya kubera kwezwa ibyaha nararize;

Cyangwa indirimbo nziza, mutuje rwose. Bizana Ukugaragara k'Umwuka Wera mu materaniro. Murabyumva? Ni byo.

¹³⁶ Abantu bicaye ahongaho. Bimwe muri byo ni ukuri—tangira kurira maze uze ku gicaniro, wihane mbere y'uko iteraniro ritangira. Umwuka Wera urahari. Murabona? Itorero riri mu bihe by'umubabaro. Abakristo barasenga; babonye imyanya yabo. Ntabwo bicaye aho bahekenya bazoka, bavuga bati: "Yewe, Liddie, mpa ku mavuta yawe yo ku munwa; Ndashaka . . . Murabizi. Murabizi. Nkeneye . . . Murabizi, ejobundi ubwo nari ndimo guhaha hano, ndakubwira ko, nari hafi kugukandagira ku mano. Ese nigeze mbona ikintu nk'iki . . . Ubitekerezaho iki?" Yoo, mbega ubuntu! Kandi muyita inzira y'Imana. Kubera iki, biteye isoni. Umubiri wa Kristo wateranye. Ni ho twicaye.

Umugabo wari uhagaze hafi aho, aravugaga ati: "Reka tuvuge, muzi igihe twajyagaye, *ibi n'ibi* ndetse *n'ibi n'ibi* . . ." Ni byo rwose hanze, ariko hano ni mu nzu y'Imana.

¹³⁷ Muze musenge; mufate imyanya yanyu. Ubu ndavugaga, ntabwo ndi kuvugana n'amatorero yanyu, bavandimwe. Sinzi icyo mukora; Ndimu kuvugana n'uru rusengero. Ndimu kuvugana n'umukumbi wanjye. Murabyumva? Ni byo.

¹³⁸ Noneho, iyo mwinjiye mutyo, ikintu cya mbere mumenya, ni uko umupasiteri asohoka. Aracyari mushya. Ntabwo ari ngombwa ko asubiza *ibi, biriya*, ndetse *n'ibindi*. Yicaye hanze y'u—y'urume rw'umurimo we. Yari munsi y'imbaraga z'Umwuka Wera. Ahita yinjira aho indimi z'umuriro ziteraniye. Ubu ni nk'inkingi (ese murakurikira?), arimo kugendagenda. Arasohoka hano, afata ibi. "Ubutumwa busohoka mu itorero buti: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE, Mwene Data Jones nave mu nzu ye. Ejo nyuma ya saa mbiri, inkubi y'umuyaga izakwirakwira aho atuye. nafate ibintu bye maze agende.'" Mwene Data Jones arabyumva. Nta kibazo. Ibyo biri mu nyandiko. "UKU NI KO UWITEKA AVUZE, haraza kuza umugore witwa *Gutya-na-gutya* araza hano iri joro, kandi ni—ni ko yabikoze *gutya-na-gutya*." (Nk'uko nabivuze, murabona,

nka gutyo.) Ni byo. Ni ko bimeze. Ubu bamaze kubona umwanya wabo mu itorero. Ni byo.

¹³⁹ Noneho afata ubutumwa. Kandi ikintu cya mbere muzi, atangira kubwiriza. Nta kintu na kimwe cyo guhagarika; byamaze kuba. Noneho, turakomeza, tubwirize ubutumwa.

¹⁴⁰ Hanyuma y'igihe gito iyo...Ikintu cya mbere muzi ni uko iyo ubutumwa burangiye, umurongo wo gukiza abarwayi uratangira. Haza umugore. Hari umuntu wavuze mu ndimi maze avuga ko agiye kuza. Murareba? Buri wese muri twe yari azi ibigiye kuba. Buri wese muri twe yari abizi. Murebe uburyo ukwizera gutangira kubaka hamwe n'indimi z'umuriro ziguhagazeho ubu. Yatangiye kwisuganya. Kubera iki, ni akazi karangiye gusa; ni ibyo gusa.

Uwo mugore...Nzavuga nti: “Madamu *uyu-na-uyu*, uturutse mu Mujyi wa New York, yicaye hano...” Murareba?

“Yoo, ni byo. Wabimenye ute?”

“Ni ubutumwa bw'Umwami ku itorero. Igihe wari ufite imyaka cumi n'itandatu, ntabwo wari uri *ahantu runaka* warangiza—ugafata amafaranga mu itorero, maze ukayiba, maze ukagenda, ukayagura imyenda mishya?”

“Yoo, ni byo. Ni byo.”

“Ibyo ni byo Imana yatubwiye uyu mugoroba binyuze muri Mwene Data *uyu-n'uyu*, wavuze mu ndimi; Mwene Data *uyu-na-uyu*, yasobanuye; ibyo Mwene Data *uyu-n'uyu*, hano yaravuze, hamwe n'ubushishozi, yavuze ko byaturutse ku Uwiteka. Kandi uko ni ukuri.”

“Yego!”

“Noneho, UKU NI KO UWITEKA AVUZE, genda ubikosore neza, kandi uzakurirwaho kanseri yawe.”

¹⁴¹ Mwene Data Jones arataha, afata igare ry'imizigo, asubira inyuma, afata ibikoresho bye, maze arigendera. Saa munani z'amanywa z'umunsi ukurikiyeho: Zowie! byose bihita birangira. Murareba? Noneho itorero rirahimbaza... “Urakoze, Mwami Yesu, kubw'ubugwaneza bwawe.” Noneho, ni cyo kintu kigomba kubaho, kubaka, ku bw'itorero.

¹⁴² None se, byagenda bite biramutse bitabaye nyuma y'uko babivuze? Ubwo hari umwuka mubi uba uri hagati yanyu. Ntimushaka icyo kintu kibi. Kuki mushaka ikintu kibi mu gihe i—ijuru ryuzuyemo iby'ukuri bya Pentekote? Ntimugafate igisimbura gishaje giturutse kuri sekibi. Mushake ikintu gifatika. Imana irakibafitiye. None se nta yandi materaniro mufite, ibintu byose mubishyire hano, kugeza igihe Imana izaberekera ko muri mu kuri, 'kuko muri abafasha w'itorero mu murimo w'Ivanjili. Ubu, murumva ibyo ari byo?

143 Kandi indimi, indimi zitazwi... Nta muntu n'umwe u—uzi icyo avuga. Aravuga; ariko buri jwi rifite icyo risobanura. Ibyo bifite icyo bisobanura. [Mwene Data Branham akoma mu mashyi—Ubwanditsi.] “Kaci, kaci, kaci!” Ibyo bifite—ibyo ni—ibyo ni ururimi rw'ahantu runaka.

144 Igihe nari muri Afurika, sinigeze mbyemera, ariko ikintu cyose cyakoraga urusaku cyari gifite icyo gisobanuye. Bibiliya yavuze ko nta jwi ridafite umumaro, ridafite icyo risobanura. Ijwi ryose rivugijwe rifite icyo risobanura ku kintu runaka. Kubera iki, nakumva abantu bavuga...navuga nti: “Yesu Kristo, Umwana w'Imana.”

145 Umwe muri bo yagenda [Mwene Data Branham yigana umusemuzi w'umunyafurika—Ubwanditsi.]. Undi aragenda [Mwene Data Branham arongera aramwigana.]. Kandi ibyo byari: “Yesu Kristo, Umwana w'Imana.” Murareba? Byari bifite... Kandi ntacyo byari bivuze kuri njye, ariko kuri bo byari ururimi nk'urwo ndimo kubavugishamo. Ubwo umusemuzi w'Ikizulu, Ikixhosa, Ikibasuto, n'izindi zose, baraje, buri wese wo mu rurimi rwavuzwe, buri wese yarabyumvise. Kandi ibi bintu mwumva aba bantu bavugavuga, kandi mukibwira ko ari ukuvugaguzwa, si byo; aba afite icyo asobanura. Bityo rero tugomba kuyubaha, tukayashyira mu mwanya wayo.

146 Noneho, wenda nta butumwa bwatanzwe. Noneho, amateraniro ararangiye; guhamagara ku gicaniro birimo gukorwa. Nyuma y'igihe runaka umuntu (nta butumwa bwari bwatanzwe inyuma aho) umuntu agahaguruka akimara kubona ayo mahirwe. Umwuka Wera... Noneho, Bibiliya yaravuze iti: “Niba nta musemuzi, reka yiturize.” Utitaye ku bibi bigiye kuvugaho, komeza witurize.

147 Uravuga uti: “Sinshobora kubikora.” Bibiliya yavuze ko ushobora kubikora. Murabona? Ibyo rero—ibyo birahagije. Murabona? Mureke akomeze atuze.

148 Hanyuma, igihe bi, amahirwe naza ibintu byose bigiye mu buryo, noneho niba Umwuka Wera amumanukiye kugira ngo atange ubutumwa, nahite abutanga. Ibyo ni byo akwiye gukora. Hanyuma isobanura rikaza, rikavuga riti: “Hari umugore hano witwa Sally Jones (Nizeye ko uwo mugore atari hano witwa iryo zina, ariko...) Sally Jones. (Murabona?) Mubwire ko iri ari ryo joro rya nyuma ry'umuhamagararo we. Nakiranyuka ku Mana 'kuko azamara igihe gito hano.” Noneho, Sally Jones azirukira ku gicaniro vuba uko ashoboye kose (murabona?), 'kuko ari ryo hamagarwa rye rya nyuma. Murareba? Ibyo biratanga ubutumwa, cyangwa ugutsindishirizwa, cyangwa ikindi kintu.

149 Ngiryo itorero rya Pentekote mu mu mikorere yaryo. Imyuka mibi nta bubasha bwo kwinjiramo ifite, kuko byamaze... Bibiliya irabigaragaza neza neza, “Mureke bikorerwe mu byiciro, nuko muri ibyo bitatu; mureke habemo babiri cyangwa

abarenga babigenzure.” Iryo ni ryo torero. Ariko se uyu munsu tubikura he? Turasimbuka, tugakururana, tugaseka tukikomereza mu gihe umuntu arimo kuvuga mu ndimi; abandi bakarebana, bakavuga ibindi bintu biterekeranye baremye udutsiko; Pasiteri arimo gukora ikintu runaka; cyangwa abandi baremye udutsiko. Ntabwo ari byo. Wenda pasiteri arimo kubwiriza, maze umuntu agahaguruka akamurogoya mu... Wenda arimo gusoma Bibiliya maze umuntu runaka... Gusoma Bibiliya, maze umuntu uri inyuma akavuga mu ndimi. Oya, rwose! Murabona? Umubwiriza arimo kubwiriza ku ruhimbi, umuntu agahaguruka akamurogoya, avuga mu ndimi. Ni byo rwose. Simvuze ko utaba ari Umwuka Wera, ariko ugomba kumenya uko ukoresha Umwuka Wera (murabona?), Kuwukoresha.

Noneho, nda—ndafata... Ese mufite umwanya dufate ikindi kimwe? Noneho, ejo ni ku Cyumweru. Noneho, tuza... Mueke gusa... Hano hari kimwe. Ntekereza ko ari cyiza cyane kuruta ibindi. Noneho, mwese munyihanganire indi minota mike gusa, ndabinginze. Hanyuma, nza... ndashaka ko—ndashaka ko mubona iki. Iki nakibitse ku bushake. Iki ni cyo cya nyuma.

Noneho, mbere na mbere, ngiye gusoma ibintu bibiri uwo muntu yabajije. Byanditse ku duce tw’urupapuro dushaje, byandikishije intoki n’umukono mwiza cyane. Ntituzi uwo ari we, nta zina ryanditswe ku—kuri buri gabapuro.

98. Mwene Data Branham, ese birakwiye ko abakozi b’Imana bakora akazi kabo gakomeye kugira ngo bahabwe amafaranga, bavuvaga ko Imana yababwiye ko abantu benshi mu bari aho bagomba gutanga menshi? Niba ibi ari byo, ndashaka kubimenya. Cyangwa niba atari byo, ndashaka kubimenya. Ibi byarambaramiye cyane.

¹⁵⁰ Noneho, urabona, nshuti, ndakubwira, ngiye kukubwira icyo ntekereza. Murareba? Noneho, ibyo ntibishatse gusobanura gutyo neza. Ntekereza ko biteye ubwoba.

¹⁵¹ Noneho, dore ibyo ntekereza. Imana yanyohereje mu kazi. Nabonye igihe nasaga n’aho nibura nshobora kuba... Kandi nta mafaranga nari mfite na make. Nuko nashoboraga kuvuga nti: “Mutambutse akebo ko gukusanya amafaranga.”

Umuyobozi yashoboraga kuza aho ndi akavuga ati: “Reba, Billy, turi mu ibara ry’umutuku ry’amadolari ibihumbi bitanu muri iri joro, Muhungu. Ese ufite amafaranga yo kwishyura muri Jeffersonville?”

¹⁵² Nkavuga nti: “Nta kibazo. Imana ni yo yanyohereje hano, cyangwa sinari kuza. (Murabona?) Mutembereze akebo ko gukusanya amafaranga.”

Mbere y’uko inama irangira, umuntu akavuga ati: “Murabizi, Uwitaka yanshyize ku mutima gutanga amadolari

ibihumbi bitanu kuri iyi ngingo.” Murareba, murareba? icya mbere, yoborwa no kubikora.

¹⁵³ Sinemera guhatwa, gusabiriza no gutagaguza amafaranga. Ndatekereza ko ari ikintu kibi. Noneho, muvandimwe, niba ubikoze, ntureka ngo amarangamutima yanjye agukomeretse. Murabona? Mushobora—mushobora kugira uburyo bwiza bwo kubikora. Ariko ndavuga gusa ku bwanjye. Ntabwo mbyemera.

¹⁵⁴ Noneho, namenyanze n'abakozi b'Imana bajya bavuga bati... Nahagaze neza, vuba aha... Noneho, aba ntabwo ari Abapentekote, aba ni... Ni byiza, ni amatorero (ese mura kurikira?), andi matorero. Hari mu nama ikomeye yo mu nkambi. Gertie, wari kumwe nanjye, hari n'abandi benshi. Bamaze igicamunsi cyose mu idini rizwi cyane—babiri cyangwa batatu bari kumwe (ayo ni amatorero asanzwe asanzwe, nk'amatorero yacu ya none hano mu muji, n'ibindi) mu giterane kinini—kandi bafashe igicamunsi cyose, bahagaze ku rubyiniro—bakangisha ko Imana izarimbura imyaka yabo, ko izateza abana babo indwara y'amagufa, n'ibintu nk'ibyo, iyo batabizana muri iyo nama. Ni byo koko, mfite iyi Bibiliya imbere yanjye. Ndavuga nti: “Ni ugutuka Imana n'abayikurikiye.” Niba Imana igutumye, izakwitaho. Niba itaragutumye, reka idini rikwitaho. Ariko—ariko wowe... Niba Imana igutumye, izakwitaho.

99. Twavuga iki ku mikino ya noheri mw'itorero ry'Umwuka Wera?

¹⁵⁵ Rero, niba ari iyerekeye Kristo, ishobora kuba ari myiza. Ariko niba ari iya Padiri Noheli, sinyemera. Na—narakuze—ibyo narabirenze. Sinemera na gato Santa Claus. Murabona? Kandi bimwe muri ibi bintu bito bya Noheli bafite, ndatekereza ko bidasobanutse. Kandi... Ariko ndatekereza ko bakuye Kristo wese muri Noheli bashyiramo Santa Claus.

¹⁵⁶ Kandi Santa Claus ni inkuru y'impimbano. (Ntabwo ndimo kubabaza ibyiyumvo byanyu, nizere, ku byerekeranye n'abana.) Ariko ngiye kubabwira. Hano nta gihe gishize, hafi imyaka makumyabiri n'itanu, mirongo itatu ishize, ubwo umukozi hano muri uyu muji, umushumba wi—w'itorero rinini hano mu muji, uwo nari nzi neza cyane, inshuti yanjye magara, yaraje ansanga. Charlie Bohannon (Mwene Data Mike, uribuka Charlie Bohannon, inshuti yanjye magara)... Yicaye aho mu biro bye maze aravuga ati: “Sinzongera kubwira abana banjye cyangwa abuzukuru banjye ngo bavuge icyo kinyoma ukundi.” Aravuga ati: “Umuhungu wanjye muto yaransanze nyuma y'aho agiriye imyaka hafi cumi n'ibiri, arimo kuvuga kuri Santa Claus...” Na we, aravuga ati: “Kuki... Mukundwa, hari icyo nshaka kukubwira,” yaravuze ati: “Mama...” Urabizi, maze ndakomeza mubwira ibyo yakoze.

Hanyuma agarutse, aravuga ati: “Noneho se, Papa, uyu na Yesu ni bamwe?”

¹⁵⁷ Vugisha ukuri. Santa Claus ni inkuru y'Abanyagatolika ivuga ku musore, Kris Kringle cyangwa Mutagatifu Nicholas, umutagatifu w'Umunyagatolika w'Umudage wo mu myaka myinshi ishize wazengurukaga agirira neza abana. Kandi barabikomeje nk'umugenzo. Ariko Yesu Kristo ni Umwana w'Imana. Ni uw'ukuri, kandi Ariho.

Noneho, dore ikibazo, icya nyuma, ni ikibazo gikomeye cyane...

¹⁵⁸ Noneho reba. Ushobora kuba utemeranya nanjye kuri ibyo. Ariko niba utemeranya nanjye, ibuka, reka tube inshuti, si byo se? Ndagukunda, kandi sinshaka—sinshaka kukubabaza. Ndashaka kuba inyangamugayo gusa. Niba ntashobora... niba mbeshye umuhungu wanjye, ubwo mba ndi umubeshyi. Murabona? Ndashaka kumubwiza ukuri.

¹⁵⁹ Noneho, ndamubwira ibya Santa Claus, ndavuga nti: "Yego, ndabyemera, Santa Claus abaho. Murebe Papa wo ku mugoroba wa Noheri." Murareba? Yego.

¹⁶⁰ Murabizi, umunsi umwe nari ndi hariya, maze mbigerageza ku mukobwa muto kugira ngo ndebe gusa. Ndahamya ko nahembwe ejobundi hashize. Nari ndi mu nyubako. Kandi bari bahagaze ahongaho, hano kuri Quaker Maid. Maze njyayo guhaha. Nuko twebwe, umugore wanjye n'umuryango wanjye, twari turimo. Hari harimo agakobwa gato, kari katararenza amezi cumi n'umunani, kandi kari gahagaze aho, kagenda, karirimba kati: "Dingle Bells, Dingle Bells..." Nanjye... Mu dutambwe twako duto, murabizi, kicaye inyuma y' agatebo gatwara ibyo wahashye.

Naravuze nti: "Urimo gushaka Santa Claus?"

Aravuga ati: "Uwo ni papa, Bwana."

Ndavuga nti: "Imana ihe umugisha umutima wawe muto, Mukundwa. Ufite ubwenge."

Noneho, dore agapapuro nyako, nshutizanyje. Kandi muri ibi... Hanyuma ndasozwa. Yoo, ni—ni Ibyanditswe Byera byiza, ariko ni ikintu cyometse kuri buri muntu wese usa nawe. Kandi cyanyiyometseho imyaka n'imyaka; kandi ni ubuntu bw'Imana gusa... Kandi umugore wanjye nkunda, nonaha wicaye inyuma ahongaho, ubwo yumvaga ko mfite icyo kibazo kuri iki gicamunsi, yaravuze ati: "Bill, icyo uragisubiza ute?" Yaravuze ati: "Nanjye ubwanjye nahoraga nkibazaho." Aravuga ati: "Sinigeze mbasha kubyumva." Ati...

Naravuze nti: "Manuka uyu mugoroba, Mukundwa. Nzakora uko nshoboye kose mbifashijwemo n'Imana."

100. Mwene Data Branham, ndakwinginze sobanura Abaheburayo 6: 4 kugeza 6.

¹⁶¹ Icyo ni cyo gihe mu by'ukuri... Murareba, noneho mugomba kureba hano ku kwizera kwacu, kubw'ubuntu, umutekano

w'abizera, kwihangana kw'abera, kwihangana, ahubwo, kw'abera. Abaheburayo igice cya 6, umurongo wa 4 kugeza kuwa 6.

Noneho, nkimara...kurangiza ibi, ndizera ko Imana izamfasha kubisobanura neza. Mumbabarire, Na—nabonye Ubutumwa bwanjye kuri uyu mugoroba; wenda nzabwiriza ibintu bimwe ejo mu gitondo ku—ku iteraniro. Hanyuma ngende.

¹⁶² Noneho, iki ni inkoni nyayo. Murareba? Noneho, mugomba kureba. Noneho mwibuke ko twemera kandi tukigisha muri uru rusengero, ntabwo ari uko ibintu byose biza bigasakuza, ikintu cyose kivuga mu ndimi, ikintu cyose gihana ikiganza n'umubwiriza, kiba gifite Ubugingo Buhoraho. Ariko twizera ko niba ufite Ubugingo Buhoraho, niba Imana yaraguhaye Ubugingo Buhoraho, uba warabuhawe iteka ryose. Murareba? Kubera ko nimwitegereze. Niba atari byo, Yesu yagizwe umwigisha w'ibinyoma. Muri Mutagatifu Yohani 5: 24, Yaravuze ati: "Uwumva Amagambo yanjye akizera Uwantumye afite Ubugingo buhoraho, kandi ntazigera yinjira mu rubanza, ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Bugingo." Noneho, mugendane na We. "Abo Data yampaye bose...Nta muntu ushobora kuza aho ndi atari Data uhamuzanye. (Ndimu gusubiramo Ibyanditswe.) Ibintu byose biri...Nta muntu ushobora kuza aho ndi atari Data uhamuzanye mbere. Kandi abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi. (Murabona?) Kandi bose abaje aho ndi, nzabaha Ubugingo buhoraho (Mutagatifu Yohani 6), kandi azabazura mu minsi ya nyuma." Ayo ni amagambo Ye.

¹⁶³ Noneho murebe. Niba nshaka gusubira mu Befeso igice cya 1, Pawulo yabwirizaga...Noneho, Abakorinto, buri wese yari afite ururimi n'indirimo. Murabona ko andi matorero atari afite icyo kibazo. Ntiyigeze agira icyo abivugaho. Hari ubwo se yigeze avuga mu ndimi ahantu hose mw'itorero rya Efeso, itorero ry'Abaroma? Oya! Bari bafite indimi n'ibindi byose nk'uko Abakorinto babikoraga, ariko bari barabishyize ku murongo. Abakorinto ntibashoboraga kubitunganya. Murabona? Ariko Pawulo yagiyeyo maze ashyira itorero mu murongo.

Noneho, we...Nizera ko, nk'uko Oral Roberts avuga ati: "Imana ni Imana nziza." Murabyizera?

¹⁶⁴ Kandi muravuga muti: "Ni byiza, bimeze bite kuri Pentekote n'indimi, Mwene Data Branham?" Ntekereza ko bafite Umwuka Wera. Ni byo bakoze. Byose ni byo, kubera iki? Murareba. Mwizera ko ari Imana nziza? Tomasi aramubwira, ati: "Urabizi, Mwami..."

Abasigaye bose baramwizera. Aravuga ati: "Yego, tuzi ko ari uw'ukuri!"

“Yoo,” Tomasi aravuga ati: “oya, oya, ibyo simbyizera. Uburyo bwonyine nzabyemera, ngomba kugira ibimenyetso bimwe na bimwe. Nzagomba gukoza intoki zanjye mu rubavu rwe no mu nkovu z’imisumari mu biganza bye.”

Ni Imana nziza. Yaravuze iti: “Ngwino, Tomasi. Ha ni ho uri.”

“Yoo,” Tomasi yaravuze ati: “ubu ndizeye.”

¹⁶⁵ Yaravuze ati: “Yego, Tomasi, umaze kumbona, ukankoraho, ugashyira ikiganza cyanjye...ikiganza cyawe mu rubavu rwanjye, urabyemeye. Ariko bafite ingororano ikomeye kuruta abatirigeze babona nyamara bakizera.” Ni Imana nziza. Iguha icyifuzo cy’umutima wawe, birumvikana. Reka tuyizere gusa. Ni byo—ibyo ni i—ibyo bizengereza Satani kugeza ku rupfu. Umuntu nafatira Imana kw’Ijambo Ryayo, mwene Data, ibyo bizaza Satani igihe cyose. Ibyo ni ibintu bigoye cyane Satani ashobora kubona, ubwo umuntu azafatira Imana kw’Ijambo Ryayo. Yego mugenzi. Nk’uko navuze nti: “Umuntu ntazabeshwaho gusa (Yesu, muri rya joro), ariko n’Ijambo ryose riva...”

¹⁶⁶ Noneho, mwitondere ibi. Noneho ngiye guhera ku murongo wa mbere:

Nuko rero, tureke inyigisho za Kristo, tujye mu rugero rutunganye;... (Noneho, ikintu cya mbere nshaka ko mumenya: Pawulo uvuga hano ni muntu ki? Abaheburayo. Baravuga bati: “Abaheburayo,” haruguru, mu gitabo cy’Abaheburayo. Ni byo? Abayahudi bari baranze Yesu... Murabyumva noneho? Arimo kuvugana n’Abayahudi, abereka igicucu cy’amategeko ko ari ishusho ya Kristo. Ibintu byose bya kera ni ikigereranyo cy’ibishya. Noneho mwitegereze.)

... dusigeho amahame y’inyigisho za Kristo, tujye mu gutungana;...

¹⁶⁷ Noneho, yagiye ababwira iby’inyigisho. Reka tugende tuvuge ku bintu bitunganye. Noneho, uba utunganiye Imana iyo washyizweho ikimenyetso n’Umwuka Wera kugeza ku munsu wo gucungurwa kwawe. “Uwabyawe n’Imana (Yohana wa mbere) ntabwo akora icyaha; kuko ntashobora gukora icyaha, kuko Imbutu y’Imana iguma muri we.”

¹⁶⁸ Umuntu wuzujwe Umwuka Wera, ntutekereza ko yuzujwe, ariko uwabyawe n’Umwuka w’Imana ntabwo akora icyaha, kuko Imbutu y’Imana iri muri we, kandi ntashobora gucumura. Murareba? Ese Bibiliya irabivuga? Ni ko bimeze. Uri... Ntabwo ari ibyo mukora, ni byo, ntabwo ari icyo isi itekereza kuri wowe, ni cyo Imana itekereza kuri wowe. Murakurikira, murabyumva? Ntashobora... Ni gute naba mfite itegeko ryanditswe n’umuyobozi w’umujyi, Ko nshobora kwiruka ibirometero mirongo ine ku isaha mu mujyi, maze hakagira umupolisi wamfata? Sinshobora. Ni gute nacumura kandi

hari igitambo cy'amaraso imbere y'Imana buri gihe, aho Idashobora no kumbona; iyo hari igikingira ku—ku...imbere yanjye n'Imana, ingabo y'amaraso? Kubera ko twapfuye, kandi ubuzima bwacu bwihishe muri Kristo binyuze ku Mana, dushyirwaho ikimenyetso n'Umwuka Wera. Ni gute mu isi ushobora gukora ikintu kibi mu maso y'Imana? “Niba twacumuye nkana (Abaheburayo 10) tumaze kubona ubumenyi bw'Ukuri, nta kindi gitambo cy'ibyaha gihari.” Muri hano ntibishoboka (murabyumva?) gucumura nkana.

¹⁶⁹ Noneho, nimureke dusome. Ni byo.

...gutungana; kudashyiraho urufatiro rwo—rwo kwihana imirimo ipfuye, no...kwizera Imana,

Inyigisho z'imibatizo,...kurambikaho ibiganza, no kuzuka ku'abapfuye, n'...urubanza rwiteka.

Kandi ibi...dukora, niba Imana ibyemeye.

(Noneho hano ni ho bahisemo, guhera ku murongo wa 4.) *Kuko ari ibidashoboka ko abamaze...kumurikirwa, kandi bagasogongera impano yo mu ijuru, kandi bakagabana ku Umwuka Wera,*

Kandi bakanasogongera ijambo ryiza ry'Imana, n'imbaraga z'igihe kizaza,

Nibaramuka baguye, bakavamo—ntibishoboka kongera kubahindura bashya ngo bihane; kuko baba bongeye kubamba Umwana w'Imana ku musaraba, bakamukoreza isoni ku mugaragaro.

¹⁷⁰ Noneho, rero, uko dukurikije uko mubisoma, birasa nk'aho, umuntu yakwakira Umwuka Wera, hanyuma agasubira inyuma akazimira. Ariko ntashobora kubikora. Murareba? Ntashobora kubikora. Aramutse abikoze, Kristo yaba ari umunyabinyoma. Murabona? Ntibishoboka ku bari bamaze kumurikirwa. Noneho, murebe hano. Abo arimo kubwira? Arimo kubwira abo Bayahudi b'abahezanguni. Ntabwo yigeze avuga ngo umuntu wuzuye Umwuka Wera; yaravuze ati: “Niba yarasogongeye ku Ijambo ry'Imana.”

¹⁷¹ Noneho, reka mbitange mu buryo bw'ikigereranyo, kugira ngo murebe kandi bitaza kubacaho. Noneho, arimo kwandikira aba Bayahudi. Bamwe muri bo ni abizera b'abahezanguni. Murabona? Yaravuze ati: “Noneho, tugiye kuva muri iyi mirimo maze dukomeze tuvuge ku gutungana.” Ati: “Noneho, turavuga ku byerekeye umubatizo, n'izuka ry'abapfuye, ndetse no kurambikanaho ibiganza, n'ibindi byose; ariko reka dukomeze noneho tuvuge ku gutungana. Noneho, tugiye kuvuga ku gihe mwinjije mu Mwuka Wera. Noneho, mwagiye hafi y'amateraniro igihe kirekire...”

¹⁷² Kandi mwabonye abo bantu. Baguma ahongaho; ntibashaka kwinjira cyangwa ngo basohoke. Bashimira Umwuka Wera.

Bakaza hafi aho. Kandi wenda Umwuka Wera yakora ikintu maze, abantu, bakaza guhaguruka bakavuga cyane, maze bagasimbagurika hejuru no hasi kubera icyo kibazo, ariko ntibazigera babigeraho. Oya, oya! Murabyumva? Kandi baravuga bati: “Yego, yego, ni byiza. Yego, ubu ibyo ntacyo mbiziho.” Murareba, murareba, murareba? Abizera b’abahezanguni. Barawegereye cyane ku buryo bashobora kuwumva, ariko ntibawakire. Murabona? Noneho, bamara igihe kirekire bameze batyo kugeza ubwo nyuma y’igihe runaka bagenda bagahunga burundu. Nshobora guhamagara amazina y’abandi benshi bari mu rusengero, nakoze ikintu nk’icyo. Bakongera bakagwa burundu, kugira ngo bivugurure bihane, nta kwihana kuri muri bo. Bababajye Umwuka cyane. Bamaze igihe kinini bari hafi kugeza. . .

¹⁷³ Hano, niba mwakwemera kunkurikira (nta mwanya mufite, ndabizi, ubu) ariko niba mwahindukira mukareba mu Gutegeka kwa Kabiri igice cya mbere mukagisoma, muraza kubona ikintu nk’icyo. Muhagaragaze nonaha, Gutegeka kwa kabiri igice cya 1. Noneho, hanyuma dutangirire ku murongo wa 19 hanyuma dusome ku murongo wa 26. Gutegeka kwa Kabiri. . . Murasanga. . . Noneho murareba. Abisirayeli bose. . . Ibyo abo bantu bakora, baza i Kadeshi-Barineya. Yoo, ndabona ikintu! Uru rusengero, iyi si ya Pentekote iri i Kadeshi-Barineya ubungubu. Ni byo rwose, mwene Data Neville. Turi i Kadeshi-barineya, intebe y’urubanza y’isi (yari intebe y’urubanza).

¹⁷⁴ Maze abatasi barasohoka. Yoshuwa yaravuze hano ati: “Noneho, nohereje abatasi,” cyangwa Mose, ahubwo, “Nohereje abatasi cumi na babiri, umwe muri buri muryango wanyu. Nabatumye gutata igihugu no kuzana raporo.” Si byo?

Bagarutse, hari icyenda muri cumi na babiri bavuze bati: “Yoo, ni igihugu cyiza, ariko yoo, tubabarire, ntabwo dushobora kugifata. Yoo, mbega! Abamori barahari, kandi tumeze nk’inziye iruhande rwabo. Ni abagabo bitwaje intwaro. Inkuta zabo ni nini cyane. Yewe, birarenze. . . kubera iki, byarutwa n’uko twari gupfira hariya mu Misiri aho kutuzana hano.”

¹⁷⁵ Ariko, Kalebu na Yosuwa bato barahagurutse bajyaye barabacecekesha; bavuga ati: “Turashoboye cyane kugifata.” Yego, mugenzi! Icyo ni kimwe. Noneho murebe. Ni iki cyabaye? Kalebu na Yosuwa bari bazi ko Imana yari yakibahayeho isezerano: “Sinitaye ku bunini bwacyo, imbogamizi zacyo uko zingana, uburebure bwabo, ubwinshi bwabo, ibyo ntaho bihuriye nabyo. Imana yarabivuze, kandi dushobora kugifata.” None se muzi ko ari bo bantu babiri bonyine, muri abo bantu miliyoni ebyiri n’igice, bigeze kwambuka bakajya mu gihugu? Kubera ko bahagaze ku kwizera kwabo ku byo Imana yavuze ko ari Ukuri. Amina!

¹⁷⁶ Ubu ihema ry’ibonaniryo rihagaze i Kadeshi-Barineya.

Murebe, abo bantu bari bari hafi cyane kugeza ubwo banasogongeye imizabibu yo mu gihugu. Bariye imizabibu. Ubwo Kalebu na bo bajyagayo bakazana imizabibu, abo bagabo basoromye ku mizabibu barayirya. “Yoo, ni byiza, ariko ntidushobora kubikora.” “Abasogongeye ku murimo mwiza w’Imana, basogongeye Umwuka Wera, babonye ibyiza byawo, basogongeye, absogongeye Ijambo ry’Imana...” Murabibona? Nta n’umwe muri bo, nta n’umwe muri bo wigeze yemererwa kukiyamo. Baguye mu gihugu cyabo, hano mu butayu. Ntibigeze bakigeramo, nyamara bari hafi bihagije kugira ngo baryoherwe na cyo, ariko ubuntu n’ukwizera ntibihagije kugira ngo kube cyafatwa. Ni byo.

¹⁷⁷ Noneho. Noneho mutege amatwi uwo mukundwa wanditse iyi baruwa. Reka dusome umurongo ukurikira. Mwitagereze umunota umwe gusa. Murebe Pawulo. Noneho reka dusome uwa 7:

Kuko isi...inywa imvura iyigwaho kenshi, kandi itanga inyama n'ibimera ku babikeneye, ihabwa imigisha n'Imana:

Ariko iyo imera amahwa n'ibitovu irasuzugurwa, iba iri hafi yo kurandurwa; amaherezo yayo ni ugutwikwa.

¹⁷⁸ Noneho, murabona ibyo avuga? Noneho murebe. Hano hari iki kibazo gikurikira; ubu, hanyuma turaza gusoza... Iki kintu cyaranzonze imyaka myinshi.

¹⁷⁹ Nagiye mu materaniro igihe kimwe, aho abantu bavuga mu ndimi i Mishawaka, muri Indiana. Noneho, ndi imbere y'imbaga yanjye nyamwinshi. Mwumvise abo bantu... mwumvise mbabwira inkuru y'amateka yanjye, n'ibyerekereye umugabo w'umwirabura wavuze ati: “Nguyu. Nguyu.” Noneho, narabivuze.

¹⁸⁰ Ariko ibisigaye: Nabonye abagabo babiri. Bari... Umwe yatangaga ubutumwa, undi akabusobanura. Undi agatanga ubutumwa, undi agasobanura. Kandi mwene Data, yari afite ukuri. Maze... Ndibwira nti: “Mbega byiza! Sinigeze mbona ibintu nk'ibyo.” Ndavuga nti: “Ndi hagati y'abamalayika.” Nibwiraga nti, nta kintu na kimwe nigeze mbona... Umwe yaravugaga, undi...

¹⁸¹ Nuko nicara inyuma aho, nk'umubwiriza muto ushaje, wowe... [Ahantu hatariho ikintu kuri kaseti—Ubwanditsi.]... abagabo bombi rimwe na rimwe kandi bagahana ikiganza. Sinigeze mbona abagabo nk'abo mu buzima bwanjye. Bavuga ubutumwa, undi agasobanura. Kandi, Mbega, mbega! Byari byiza cyane! Umwe, yaravugaga undi agasobanura. Bombi... Kandi byahindukaga umweru gusa iyo bazamuraga ibiganza byabo hejuru. Naratekereje nti: “Yoo, mbega, mbega! Nari ndi he ubuzima bwanjye bwose? Ibi ni ibintu bizima!” Ndavuga nti: “Burya, Abapentekote bari mu kuri.” Ni byo rwose.

¹⁸² Sinigeze mbona ibintu byinshi ariko uko byari bimeze hano, aho... Wenda hari abagore babiri bafite ubutumwa ahantu runaka. Kandi bashoboraga kuba baterana amagambo; umwe yita undi, “icyari cy’inkongoro,” kandi, murabizi, gusa ni ibisa nk’ibyo, Guterana amagambo. Si ugusuzugura abagore ubu cyangwa ikindi kintu, ahubwo gusa... Byari—byari ku rwego rwo hasi. Niba muri mwe... Mwibuke, Mwene Data Graham. Mwari mukiri abana b’abahungu bato muri icyo gihe. Kandi rero, ni ko byari bimeze.

Nuko numvise ibyo, naratekereje nti: “Yoo, yemwe, nasitaye ku bamalayika.”

¹⁸³ Umunsi umwe nazengurukaga uruzitiro rw’inzu, ku munsi wa kabiri, nahuye n’umuntu umwe. Ndavuga nti: “Waramutse, Mugenzi wanjye?”

Aravuga ati: “Waramutse?” Aravuga ati: “Uri... Witwa nde?”

Nuko ndavuga nti: “Branham.”

Aravuga ati: “Waturutse he? Hano?”

Maze Ndavuga nti: “Oya, Naturutse i Jeffersonville.”

Aravuga ati: “Ni byiza, ni byiza. Uri Umupentekote?”

Ndavuga nti: “Oya, mugenzi, ntabwo ndi we.” Ndavuga nti: “Gusa sinemera uburyo bwa Pentekote bwo kwakira Umwuka Wera,” Ndavuga nti: “nyamarai,” Ndavuga nti: “Ndi hano kugira ngo nige.”

¹⁸⁴ Aravuga ati: “Ni byiza, ni byiza cyane.” Kandi mvugana na we, mfata umwuka we (nka wa mugore kw’iriba), yari Umukristo nyawe. Mwene Data, ndashaka kuvuga ko yavugaga iby’ukuri. Yari mwiza. Noneho, mwese... Ni bangahe bagiye mu materaniro yanjye bakabona ibyo bintu bibaho? Murabona? Kandi umugabo yari ameze neza. Hanyuma, njye—njye ndibwira nti: “Ahongaho! Mbega, ukuntu byari byiza!”

¹⁸⁵ Muri uwo mugoroba, nyuma ya saa sita, nahuye n’undi. Ndavuga nti: “Umeze ute, Mugenzi?”

Yarambwiye ati: “Umeze ute? Witwa nde?” Nanjye ndamubwira. Maze aravuga ati: “Ese... Ese—Ese uri Umupentekote?”

Ndavuga nti: “Oya, mugenzi, ntabwo ndi Umupentekote nyawe, sinkeka ko ndi we.” Ndavuga nti: “Ndi hano gusa kugira ngo nige.”

Aravuga, ndavuga, aravuga ati: “Waba warahawe Umwuka Wera?”

Ndavuga nti: “Ntabwo—ntabwo mbizi.” Ndavuga nti: “Nkurikije ibyo mwese mufite, ndakeka ko ntabizi.”

Aravuga ati: “Waba warigeze kuvuga mu ndimi?”

Ndavuga nti: “Oya, mugenzi!”

Aravuga ati: “Noneho ntawo ufite.”

¹⁸⁶ Nanjye ndavuga nti: “Ni byo, njye—njye ndakeka ko ari byo.” Ndavuga nti: “Simbizi. Gusa nabwirije imyaka ibiri, cyangwa itatu,” ndavuga nti: “Ntabwo nzi byinshi kuri Wo.” Ndavuga nti: “Ahari simbizi.” Ndavuga nti: “Sinshobora kubyiyumvisha . . .” Kubw’ibyo nashakaga kumufatira ahongaho (murabona?), kugira ngo mbifate. Kandi ubwo nabikoraga, niba hari indyarya nigeze guhura nayo, yari umwe muri zo. Umugore we yari afite imisatsi yirabura; kandi yabanaga n’umugore w’imisatsi y’irende, bafitanye abana babili; kandi avuga mu ndimi, bakazisobanura neza uko bishoboka kose. Hanyuma ndavuga nti: “Noneho, Mwami, nakuyemo iki?” Uhereye ku bamalayika, sinzi icyo nari cyo. Ndavuga nti: “Ndi—ndi—ndi ushingiyeye ku mahame fatizo; bigomba kuba ari Bibiliya. Bigomba kuba ari byo. Hariho ibitagenda neza ahantu runaka, Mwami. Ni gute bishobora kuba ari byo?”

¹⁸⁷ Nagiye mu materaniro muri iryo joro, maze uwo Mwuka uramanuka; kandi bene Data, mushobora kubyumva, ko Ari Umwuka Wera. Yego mugenzi! Niba atari byo, byakuruwe n’umwuka wanjye ko Wari Umwuka Wera. Kandi nari umuvugabutumwa ukiri muto, sinari nzi uburyo bwo kubimenya, cyane cyane ku biyanye no kumenya iby’umwuka. Ariko nari nicaye aho. Kandi nzi Imana ikomeye yankijije, ibyo byari byo byiyumvo . . . Numvise meze nk’aho ndimo njya hejuru y’inzu, byari ibintu byiza cyane muri iyo nyubako. Naratekereje . . .

¹⁸⁸ Hariya hari abagera ku 1500. Naratekereje nti: “Yewe, mbega!” Amatsinda abiri cyangwa atatu yabo yari yateraniye hamwe. Nuko ndatekereza nti: “Umva, we! Bishoboka bite? Noneho, uwo Mwuka ukomeye muri iyi nyubako umanuka gutya; kandi hano, murebe ibi birimo kubera hejuru aho, abo bantu bavuga mu ndimi, basobanura, batanga ubutumwa neza—kandi umwe muri bo yari indyarya undi akaba umuntu w’Imana nyawe.” Ndatekereza nti: “Noneho, navangiwe. Sinzi icyo nakora.”

¹⁸⁹ Ni byiza, ako kanya nyuma y’ibyo, nshuti zanjye nziza, Mwene Data Davis (muramuzi), yatangiye kuvuga ko ndi igipupe. Ni cyo gikinisho cy’umukobwa, murabizi. Nuko rero, nari ingaragu, nuko nanjye . . . Yatangiye kunkomeza, hanyuma arakomeza, arankomeza.

¹⁹⁰ Kandi twari dufite gato . . . Kandi mama wawe natwe twese twagiraga amateraniro ahantu hanyuranye. Icyo gihe urusengero ntirwari—ntirwari ruhari, kandi twagiraga amateraniro mato ahantu hatandukanye. Amaherezo umunsi umwe, nyuma y’uko urusengero rumaze kubakwa, nyuma y’imyaka myinshi, Nagiye kuri Green’s Mill mu buvumo bwanjye kugira ngo nsenge, kuko

Mwene Data Davis yari yavuze ibintu bibi cyane mu—mu—mu kinyamakuru cye. Naramukundaga. Sinifuzaga ko hagira ikintu cyamubaho, kandi na—nagiyeyo kuugira ngo musengere. Narazamutse ngerayo, maze ninjira mu buvumo. Maze marayo iminsi nk'ibiri. Maze Ndavuga nti: "Mwami, umubabarire. We—we si ibyo yashatse kuvuga." Maze ndatekereza nti: "Murabizi..." Nahise ntekereza ku Byanditswe Byera.

¹⁹¹ Nuko ndasohoka. Hari hari ingiga y'igiti (icyo giti kiracyari aho kugeza n'ubu, cyari kiri hejuru yabwo nta gihe gishize) muni y'umusozi kirambitse mu kayira gato kava ku mugezi. Nahagaze kuri iyo ngiga y'igiti, maze ndebera imisozi inyuma cyane—hariya inyuma, maze nsihora Bibiliya yanjye nka gutyo. Ndibwira nti: "Murabizi..." Natekerezaga ku Byanditswe: "Umucuzi w'umuringa, yankoreye ibibi byinshi, amvuga n'ibintu." Murabizi...Ndibwira nti: "Ntekereza ko ngiye kubisoma." Nafunguye Bibiliya, maze ndavuga nti: "Ni byiza..." Nihanagura mu maso, maze umuyaga urahuha, uyifungura mu Bahebura 6. "Ni byo," ndavuga nti: "Ntabwo ari aho biri." Nayishyize inyuma gutya. Maze umuyaga wongera guhuha, wongera kuyifungura inyuma. Nanjye ndavuga nti: "Noneho, biratangaje, umuyaga urabihuha gutyo." Ndibwira rero nti: "Mu by'ukuri, ntekereza ko ngiye kubisoma." Maze haravugaga hati:

Kuko ari ibidashoboka ko abamaze kuvirwa n'umucyo, ... bagasogongera ku Mwuka Wera, kandi bakanasogongera ... Ijambo ryiza ry'Imana, n'mbaraga z'igihe kizaza.

Natekereje nti: "Ni byo, nta kintu mbona kuri ibyo." Mukomeze mugisome, igice gisigaye. Nta kintu kimwo. Ndavugaga nti: "Ni byo, ni byo—ibyo birahagije kuri ibyo." Na—nabibonye gutya, hanyuma mbisubiramo. Maze ndabifata, maze ndibwira nti "None se, ibyo ni ibiki?" Nakomeje kubisoma, no kubisoma, ndabisoma, ndavugaga nti: "Ni byo, sinshobora kubyiyumvisha." Hanyuma narakomeje... Nuko nkomeza gusoma:

...ari ibidashoboka ko abamaze kuvirwa n'umucyo, ...

Bigeze hano ahantu handitse ngo:

Dore iyo ubutaka bwanyoye imvura... yabuguyeho kenshi, bukameramo imyaka igirira akamaro ababuhingirwa, buhabwa n'Imana umugisha:

Ariko niba bumeramo amahwa n'ibitovu, buba buhinyutse bugeze... hafi yo kuvunwa; kandi amaherezo yabwo ni ugutwikwa.

¹⁹² Ndavugaga nti, "Uribaza icyo ibyo bivuze?" Nari gusa... Noneho, nta kintu natekerezaga hagati aho. Natekerezaga ibyo gusa. Muri ako kanya ubwo nari nicaye ahongaho, Nibwiraga ko Umwami azampa iyerekwa kuri Mwene Data Davis n'abo bari

hariya hepfo. Rero, nari nicaye hariya; ndareba, mbona ikintu kizenguruka imbere yanjye. Kandi isi yari irimo kuzenguruka. Maze mbona yose isatagurika, isa nk'aho yose yahingaguwe. Maze Umugabo arasohoka afite i—i—ikintu kinini gikomeye cyane imbere ye cyuzuye ingemwe, kandi Yari arimo gutera imbuto hirya no hino ku isi uko Yagendaga. Kandi yagendaga ku murongo uzenguruka isi, maze Antambukahoh mureba. Akimara kuntambukahoh, haza umugabo usa n'uwihisha-hisha, yambaye imyenda y'umukara, arazenguruka gutya, agenda, *whew, whew*, atera imbuto mbi, *whew, whew*. Maze ndamwitegereza, nuko uko isi yakomezaga kuzenguruka. . .

¹⁹³ Nyuma y'akanya gato ingano ziramera. Maze ingano zimaze kumera, muri zo havamo imifatangwe, ibitovu, amahwa, n'ibyatsi bibi binuka, nuko ibintu byose birakura, ibyatsi bibi by'amata, n'ibindi byose bikurira mu ngano. Kandi byose byakuriraga hamwe. Haza amapfa akomeye cyane, maze za ngano ntoya ziraraba zubika umutwe nka gutyo, imifatangwe mito, n'ibitovu, amahwa, byari bifite umutwe hejuru. Buri kibabi cyose, *pant, pant, pant, pant*, gihumeka nka gutyo. Washoboraga kubyumva gusa. Kandi byasabaga imvura, imvura.

¹⁹⁴ Nyuma y'igihe gito, haza igicu gikomeye kinini, n'amazi ahita atemba. Maze igihe yagwaga ahongaho, izo ngano zarasimbutse zitangira gutaka ziti "Tuguhaye icyubahiro! Haleluya! Uwiteka ahimbazwe!" Aka gati gato k'urukungu nako karahagurutse karangurura ijwi kagira kati "Tuguhaye icyubahiro! Uwiteka ahimbazwe! Haleluya!" Amahwa n'ibindi byose, bibyina hirya no hino mu murima, bivuzza induru biti "Tuguhaye icyubahiro! Haleluya! Uwiteka ahimbazwe!"

Naravuze nti: "Sinshobora kubyumva."

¹⁹⁵ Iyerekwaga ryamvuyemo; hanyuma nongera kurisubiramo: "Ibihuru biri hafi kurimburwa." Hanyuma ndabibona. Yesu aravugaga ati: "Imvura igwa ku bakiranutsi no ku bakiranirwa." Umuntu ashobora kwicara mu materaniro, ashobora kuvuga mu ndimi, ashobora gusakaza no gukora nk'abandi bose bafite Umwuka Wera nyakuri ariko ntabe mu Bwami bw'Imana. Ni byo rwose. Ntabwo Yesu yavuze ati: "Benshi bazaza aho ndi muri icyo gihe bavugaga bati: 'Mwami, sinirukanye amadayimoni mu Izina Ryawe? Sinahanuye (sinabwirije) mu Izina Ryawe? Ntabwo nakoze imirimo myinshi ikomeye mw'Izina Ryawe?'" Yesu yaravuze ati: "Muve imbere yanjye, mwa nkozi z'ibibi mwe, sinigeze mbamenya." Ibyo ni ibiki?

¹⁹⁶ Dore icyo bisobanura hano. Murakurikira? Basogongeye ku mvura nziza iturutse mu Ijuru. Ariko mbere na mbere, baribeshye. Mbere na mbere intego zabo ntizari nziza; impamvu zabo ntizari nziza. Ibyo, ntushobora kubimenya. I . . . Murabizi, mu isarura yaravuze ati: "Nzajyamo mbikuremo byose?"

¹⁹⁷ Yaravuze ati: “Nimureke bikurane, kandi kuri uwo munsu ibi bihuru n’amahwa bizatwikirwa hamwe, maze ingano zihunikwe mu kigega.” None se, uzamenya ute niba iri ari ihwa, cyangwa iki ari igitovu, cyangwa ko ari ingano? “Muzabamenyera ku mbuto zabo.” Murabyumva, mwene Data, mushiki wanjye, igitu cyiza ntigishobora kwera imbuto mbi. Uko byagenda kose, bitinde bitebuke, bizakugeraho. Rero, wowe ushaka umubatizo w’Umwuka Wera . . . ndishimye uwo waba uri we wese wanditse ibyo. Murabona?

¹⁹⁸ Noneho, abo bizera b’abahezanguni inyuma ahongaho, bari bari kumwe na bo neza. Bakebwe kimwe no gukebwa kwabo. Bagiye mu gihugu Imana yasezeranye, kugeza ku iherezo ryacyo. Abantu benshi baragenda bakagera kuri icyo nkome. Azagenda agere ku mubatizo w’Umwuka Wera maze awange. Ntashaka kubireka. Azagenda mu Byanditswe mw’Izina rya Yesu Kristo, maze asubire inyuma, kandi abyange kugira ngo atabibona.

¹⁹⁹ Nta Byanditswe byera biri muri Bibiliya bivuga ko hari umuntu wigeze kubatirizwa mw’izina rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera, nta Byanditswe mfite. Kiliziya Gatolika ni yo yabitangije, bigera kwa Luther, biramanuka bigera kwa Wesley, kandi barabikomeje kugeza na n’ubu. Ni byo rwose. Ariko gahunda y’Byanditswe ni Izina ry’Umwami Yesu Kristo. Uwo ni wo mubatizo w’intumwa. Ntushobora gukora ibyo hanyuma ngo ugume mu madini. Ni byo.

²⁰⁰ Noneho, murabyumva ibyo bintu? Umubatizo w’Umwuka Wera, impano z’Umwuka, ni ibintu Imana itanga uko ishaka . . . Imbuto z’Umwuka ni urukundo, umunezero, kwihangana, (yoo, muravugaga muti: “Ariko mwene Data Branham, Imana ishimiye, ndihangana.” Bisa nk’ibyo. Mperutse i Ohio nta gihe gishize, maze umuntu arambaza, yanditse ibaruwa hano hasi ambaza niba narabatije abantu mu Izina rya Yesu Kristo. Nta jambo nigeze mvuga. Barabimenye uko byagenda kose, maze abakozi b’Imana cumi na batandatu barigendera. Uko ni ukwihangana si byo se!—kwihangana, ubugwaneza, umutuzo, ubwitonzi, kwihangana, hamwe n’Umwuka Wera. Murareba?

²⁰¹ Yoo, mwene Data, mushiki wanjye, turi—turi i Kadeshi-Barineya. Ubu murimo gusogongera. Mu ijoro ryakeye, Umwuka Wera yatumanukiye, nk’umuyaga uhuha cyane. Yageze kuri benshi muri mwe. Uyu munsu abakozi b’Imana bagiye gusura ingo hirya no hino, kubarambikaho ibiganza no gusabira abashaka Umwuka Wera. Ntimugafate ikiwusimbura. Ntimugafate ikintu gisa n’urusaku. Ntimugafate ikintu gisa n’ibiyumvo. Mutegerereze aho kugeza igihe Imana izaba yabahinduye ikabagira icyaremwe gishya, ikabagira umuntu mushya. Ubu murimo kuwusogongera, murawusogongera gusa, ariko mureke Inuma ibayobore ku meza, kandi—kandi Intama n’Inuma zihuriza hamwe, kandi zigasangira n’abandi

Ijambo ry'Imana. Erega Rizahagarara mu gihe ijuru n'isi bizaba bitakiriho; Ijambo ry'Imana rizahoraho. Ni ukuri.

²⁰² Nyamuneka ntimutekereze ko ndi intagondwa. Niba narabaye yo, sinashakaga kuba yo. Niba... nizeye ko nasubije ibi bibazo; nabisubije, uko mbizi kose.

²⁰³ Kandi rero, mu Baheburayo 6, niba mushobora kubona, Pawulo aravuga mu Baheburayo ati: "Ni byo, tuzajyana namwe tugerane kure." Bazaza. Murabona? Yaravuze ati: "Noneho, mufite..." Abo baje kandi bagasogongera.

²⁰⁴ Nasubije amaso inyuma mu nyubako. Kugira ngo mbereke ibimenyetso by'Imana Ihoraho. Ndizera ko ntatuma uyu muntu agaragara. Naje mvuye mu materaniro mu kanya gashize, maze nza hano, maze mbamenyesha ko inshuti yanjye magara, inshuti yanjye bwite, mugenzi wanjye twakoranaga mu guhiga, umugabo wari wambereye mwiza, umugabo wabaga mu itoreri ryanjye, kandi yari mwene Data; namwise Busty. Izina rye ni Everett Rogers; wari utuye muri Milltown. Ni bangahe bibuka ko naje hano kubitangaza? Yari aryanye hano mu bitaro; Abaganga baramubaga, baramufungura, kandi kanseri yari yaramurenze maze baramudoda gusa. Baravuga bati: "Azamungwa vuba; mu byumweru bike azaba yagiye; ibyo ni ko bizagenda. Azarangira, ni byo gusa."

²⁰⁵ Muribuka ukuntu nahagaze hano ku ruhimb, nkamusengera? Nagiyeyo maze ninjira mu cyumba, hari ikintu cyandahaga mu mutima. Ninjiye mu cyumba, kandi nkimara gusohora abantu bose kugira ngo mbashe... Mwene Data Everett yari aryanye ahongaho. Noneho muraza kubyibuka. Nagiyemo; Ndavuga nti: "Mwene Data—Mwene Data Busty." (Namwitaga Busty.)

²⁰⁶ Kera cyane ubwo twagiraga amateraniro yo mu gisharagati cy'ibyatsi hepfo hariya, abo Bametodisite bose bari bari hariya ku musozi (Gertie, n'umwe muri bo), ndimo ndeba hirya no hino, narebaga mu cyanya cy'imizabibu kugira ngo ndebe ku cyo ngiye kuvuga, kandi muri ubwo buryo, batinyaga ko itoreri rya Methodiste ryabatenga. Hanyuma, nagiyeyo maze mbona iyerekwa, maze mbona inyama zose zirundanyijwe mu gikombe. Nafashe amafi menshi nyahambiraho, nyashyiraho—nyashyira ku kintu cyabugenewe, hanyuma ndayahambira. Kandi ubwo nitegerezag... Kandi byose byari mu iyerekwa; nari navuye na—nasize itsinda ry'abantu bahagaze muni y'igisharagati muri iryo joro maze nzamuka hejuru y'umusozi njya kwa Mwene Data Wright. Kandi nta n'ubwo bashoboye kubona mu gitondo cyakurikiyeho. Ndavuga nti: "Nta n'umwe muri mwe..."

²⁰⁷ Ubwo nari mpagaze aho ndimo kubwiriza, Umucyo waraje; Iyo Nkingi y'Umuriro yahaganye hano imbere yanjye maze iravugaga iti: "Va hano uje mu ishyamba; nzavugana nawe." Ni uwo muni, umuni ukurikiyeho ubwo bansangaga ku musozi.

Kandi nari ndi aho hejuru; nahishe imodoka yanjye mu byatsi birebire, kandi nari maze ijoro ryose ku musozi nsenga ndetse n'umunsi wose ukurikiyeho. Bamwe muri bo baza ahongaho, babonye imodoka maze baza ahongaho... Uwo munsi ni ho Mwene Data Graham Snelling, uri hano, yakiriye Umwuka Wera n'umuhamagararo wo kwinjira mu murimo w'Imana.

²⁰⁸ Hejuru ku musozi aho nari ndyamye, kandi Ya—Yambwiye ibintu bitandukanye byo gukora muri icyo kiganiro twagiranye. Yampaye iyerekwa ryo kubona aya mafi atunze ku gati, aravuga ati: “Iri ni ryo torero ryawe rya Milltown.”

Bane cyangwa batanu muri bo baragwa; maze ndavuga nti: “Abo ni bande?”

Yaravuze ati: “Umwe muri bo ni Guy Spencer n'umugore we. Undi ni Spencer uri aho, n'ababo.” Nuko abwira abandi batandukanye, icyari kubaca kubaca intege.

²⁰⁹ Narababwiye; ndavuga nti: “Ntihagire n'umwe muri mwe urya.” Jye n'umugore wanjye ntabwo twari... Byari mbere y'uko dushyingiranwa; maze ajya mu rugo kurara kwa Mushiki wacu Spencer ijoro ryose, umugore mwiza cyane. Umugabo mwiza cyane, Guy Spencer gusa ni umwe mu bagabo b'igikundiro bariho nk'uko ahagaze muri izo nkweho z'uruhu. Na we—nuko aramanuka, nuko Opal aravuga ati: “Noneho, nimurebe...” Kuri Meda, ati: “Noneho, Meda, Nizeye Mwene Data Bill.” Aravuga ati “Ariko iyo Opal ashonje, agomba kurya inyama z'ingurube n'amagi.” Nuko ajyayo, akaranga ingurube n'amagi, maze yicara hasi ngo abirye, maze atangira gushimira, nuko yunama ku meza, arira, ntiyabasha kubikoraho. Hanyuma bajya guhiga.

²¹⁰ Kandi hejuru aho ku musozi uwo munsi, Yambwiye neza ibigiye kuba. Aravuga ati: “Aba bazagenda, hanyuma n'aba bazagenda.” Ariko yari afite inyama nyinshi zo mu bikombe. Aravuga ati: “Ibi bigumane kugira ngo bikoreshwe n'abaturage ba Milltown.” Mw'ijoro ryakeye ubwo numvaga mwene Data Creech... Yari yicaye hano mw'ijoro ryakeye. Simfite... Mwene Data Creech, waba uri hano iri joro? Ubwo umuvandimwe Creech yazaga aho ndi, yarampamagaye, na mushiki we Creech arira; papa we yari aryamye aho. Ati: “Mwene Data Bill, ntumubwire. Arenda gupfa.” Yaravuze ati: “Aruhijwe na kanseri; abaganga baramufunguye, kandi kanseri yaramurenze uko bishoboka kose.” Na Will Hall (mwese muramwibuka), Ubwo wa muganga yamufunguraga kandi arwaye kanseri cyane... Natangiye kujya guhiga inkima muri icyo gitondo, nuko mbona izo pome zimanitse hejuru mu cyumba. (Muribuka iyo nkuru yazo?) Kandi uwo mugabo ari hariya uyu munsi. Ibyo byabayeho mu myaka yashize. We na Mwene Data Busty bari inshuti.

²¹¹ Naramanutse njya mu bitaro, ibitaro bishya (Nibagiwe uko babyita, hanze aho muri New Albany) ibitaro bishya. Nagiyeyo kureba Busty; maze ninjira mu cyumba, ndavuga nti: “Mwene Data Busty.”

Aravuga ati: “Mwene Data Bill.” Yamfashe ukuboko akoresheje ikiganza kinini; intwari yo mu Ntambara ya Mbere y’Isi Yose, sinabivuze imbere ye, ariko w’umutima mwiza cyane nk’uko nawumvaga utera imbere y’ishati y’ubururu ishaje. Yamfashe ukuboko. Nari ndi mu nzu ye; naririye mu nzu ye; naraye mu nzu ye, nk’uko nari mwene Se. Abana be kandi bose, dusa—dusangiye amaraso nka bene Data. Ni umuntu mwiza.

²¹² Na we...Ariko ntabwo yigeze akorana n’Umwami byimbitse. We...Namubatijwe mu Izina rya Yesu Kristo. Ariko uwo muni ubwo mubwiriza w’Umumetodisite yavugaga ati: “Umuntu wese wabatijwe mw’Izina rya Yesu Kristo, asohoke muni y’ihema ryanjye.” Ibyo nta kibazo byari biteye. George Wright na bo barasohoka. Nyuma ya saa sita, naramanutse njya kubatiza mw’Izina rya Yesu Kristo kuri Totten Ford. Itorero rye ryose ryagiye mu mazi nuko ribatizwa mw’Izina rya Yesu Kristo. Nuko ndakomeza. Ibyo byari byiza. Imana iri kumwe nawe, ni inde wakurwanya? Sinzi n’aho uwo mugabo yagiye, uko byamugendekeye.

²¹³ Ariko, ninjiye mu bitaro. Hari Busty wari uryamye aho yararenzwe na kanseri, abaganga ntibashakaga no kugira icyo bamumarira, ntacyo bakoze uretse kumusubiza inyuma gusa. Busty yarambwiye; ati: “Mwene Data Bill, ibi biriho kubw’impamvu. Hari ikintu cyabaye.”

Ndavuga nti: “Yego, Busty.” Ntangira kumva uwo Mwuka nk’umuyaga navugaga uhuha cyane, murabizi, warinjiye.

Yaravuze ati...Igihe ninjiraga hano, hari hari umukororombya muri iriya mfuruka, uhagaze muri iriya mfuruka. Umukororombya ni isezerano; isezerano ry’Imana. Imana yagiranye isezerano nanjye kuri uwo musozi uwo muni. Nshyira ibiganza byanjye kuri mwene Data Busty maze ndamusengera.

Abaganga baravugaga bati: “Ararembye. Gusa azigendera. Nta cyo gukora...Mu minsi mike gusa araba agiye.” Nuko Busty Rogers...Ibyo byabaye mu byumweru n’ibyumweru bishize, none Busty Rogers, yicaye hano mu rusengero iri joro, afite ubuzima bwiza kandi afite imbaraga nk’uko nigeze kumubona mu buzima bwanjye. Haguruka, Mwene Data Busty. Nguwo. Nimuze dushimire Imana, mwese.

Bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru,
Buri wese asengera mw’Izina Rye.
Nabatijwe n’Umwuka Wera,
Maze imbaraga zo gukorera Imana ziraza.
Noneho, ibyo We yabakoreye uwo muni

Namwe ni cyo abakorera.
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Ndi umwe muri bo, ndi umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, ndi umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Nubwo aba bantu bashobora kutavuga ko ari
bo,
Cyangwa kwirata ku kuba icyamamare ku isi,
Bose bahawe Pentekote yabo,
Babatijwe mw'Izina rya Yesu;
Kandi ubu barimo kuvuga hirya no hino,
Imbaraga Ze ziracyari zazindi.
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Ndi umwe muri bo, ndi umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, ndi umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Noneho, ngwino, mwene Data, ugerageze uyu
mugisha
Ibyo brakuraho ibyaha mu mutima wawe,
Ibyo bizatangira inzogera z'ibyishimo
Kandi bizatuma ubugingo bwawe bukomeza
kugurumana;
Yoo, ubu birimo kugurumana mu mutima
wanjye,
Yoo, icyubahiro kube icy'Izina Rye,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Mureke tuyiririmbe!

Yoo, umwe muri bo, umwe muri bo
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Ni bangahe bari bamwe muri bo? Muzamure ibiganza
byanyu. Yoo, mbega! Yoo, mbega ukuntu nishimiye kuba ndi
umwe muri bo!

Umwe muri bo, umwe muri bo,

Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Bari bateraniye muri icyo cyumba cyo hejuru,
Bose basenga mu Izina Rye,
Babatijwe n'Umwuka Wera,
Hanyuma imbaraga zo gukorera Imana ziraza;
Noneho, icyo We yabakoreye uwo munsu
Araza kukibakorera nk'uko namwe
mubyifuza,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Yoo, umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Noneho, mu gihe twongeye kuririmba iyo korasi, ndashaka
ko buri wese muri mwe ahindukira, hana ibiganza n'umuntu,
umubwire uti: "Uri umwe muri bo?" Murareba? Ni byo.

Yoo, umwe muri bo, (Nzi ko uri, mwene Data
Neville. Nzi ko uri, mwene Data Capps. Nzi
ko uri we. Nzi ko uri . . . ? . . .)
. . . Ndi umwe muri bo;
Yoo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

²¹⁴ Yoo, ntibitangaje kuba uri umwe muri bo? Ni bangahe
bashaka kuba umwe muri bo? Nimuzamure ibiganza byanyu. Ni
byo. Noneho, ngiye kubaririmbira iyi:

Noneho ngwino mwene Data, shaka uyu
mugisha
Ibyo bizakuraho ibyaha mu mutima wawe,
Ibyo bizatangira inzogera z'ibyishimo,
Kandi bizatera ubugingo bwawe kugurumana;
Yoo, ubu biragurumana mu mutima wanjye,
Yoo, icyubahiro kibe icy'Izina Rye,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo.

Yoo, umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi
umwe muri bo; (Halleluya!)
Umwe muri bo, ndi umwe muri bo,

Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi umwe muri bo.

²¹⁵ Mwibuke ibyo umukobwa muto wabwiye Petero ati: “Mbese nawe nturi umwe muri bo?” Ndishimye cyane, namwe ni uko? Murabizi, Petero yaravuze ku munsu wa Pentekote ati: “Ibi ni Ibyo!” Noneho, nahoraga mvuga nti: “Niba *Iki* atari *Cyo*, ndishimye ko *Icyo* nakibonye, ntegereje ko na *Kiriya* kiza.” Ni byo. Nishimiye *Ibi*.

Kuko ndi umwe muri bo, Ndi umwe muri bo
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi umwe muri bo;
Yoo, umwe muri bo, umwe muri bo,
Ndishimye cyane kuba nshobora kuvuga ko ndi umwe muri bo.

²¹⁶ Ese ibi si byiza cyane, kwicarana na Kristo Yesu mu myanya yo mu Ijuru, tugasabana n’Umwuka, gusangira Ijambo ry’Imana, tuvuga ku byiza biri imbere. Ni byiza cyane. Nishimiye kubimenya, si byo se? Ntimwishimiye ko muri Abakristo? Ntimwishimiye ko ibyaha byinyu biri munsu y’Amaraso? Azaza umwe muri iyi minsi, kandi tuzajyana na We. Noneho mutekereze, gusaza kose kuzatuvaho; indwara zose, imibabaro yose, ubuzima bwose bupfa buzahinduka. Yewe, mbega! ndatekereza gusa kuri bene Data bakundwa bari bahagaze hano. Ndibuka... Ni bangahe bibuka Rabbi Lawson? Yewe, hafi ya mwese. Ndamubona amanika inkoni ye hano. Kandi nanjye nabaga nicaye inyuma ahongaho. Yaririmba aka karirimbo gato... (Teddy, mwene Data.) Ndagerageza, ndebe ko nabona ijwi ryako neza. Simbizi.

Hari ejo hazaza heza hantegereje,
Aho amarembo y’amasaro afunguka cyane,
Kandi ubwo nzambuka iki kibaya cy’agahinda,
Nzaruhuka ngeze hakurya.

Umunsu umwe hakurya y’ubumenyi
bw’umuntu upfa,
Umunsu umwe, Imana yonyine ni yo izi gusa
aho ari ho n’igihe icyo ari cyo,
Inziga z’ubuzima bupfa zose zizahagarara,
Noneho nzigira gutura ku musozi wa Siyoni.
(Yego.)

²¹⁷ Utu twuma duto turimo kuzenguruka muri twe—kubona, kuryoherwa, kwiyumvayumva, guhumurirwa no kumva, utu twuma duto turimo kuzenguruka muri ubu buzima bupfa, umunsu umwe tuzahagarara. Hanyuma nyewe ubwanjye, nawe, tuzajya gutura ku musozi wa Siyoni. Yoo, ndabikunda, si byo se? Murabizi ko dufite icyo cyizere cy’umugisha. Ni byiza. Ni bangahe bazi indirimbo yacu ya kera yo kubatiza? Noneho, turayihindura. Reka dufate indirimbo yacu yo gusezerera:

Fata Izina rya Yesu urikomeze,
 Mwana wuje akababaro n'amagorwa;
 Bizagutera umunezero no guhumurizwa,
 Rifate ujjane na Ryo aho ugiye hose.

²¹⁸ Fata Izina rya Yesu urikomeze. Gusa, uko ugiye. Ni byo, rwose. Ntimwibagirwe ko saa mbiri za mu gitondo amakarita yo gusengerwa aza gutangwa kubw'amateraniro. Amateraniro azatangira saa cyenda n'igice. Nzabwiriza saa kumi. Isengesho ry'abarwayi rizatangira ahagana saa kumi n'imwe.

²¹⁹ Ejo nyuma ya saa sita, ejo hazaba hari ubutumwa bw'umuvugabutumwa wo mu rusengero. Kandi ejo nijoro, mwese abihannye ibyaha byanyu kandi mutarigeze mubatizwa, muzabatizwa... ikidendezi kirateguye; tuzabatiza abantu mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo.

²²⁰ Twese hamwe noneho, mu gihe turirimba muranguruye amajwi yacu. Mwene Data Busty, ntabwo uzi ukuntu nishimye kandi nshimira Imana. Murabizi, yagiye kwa muganga. Bambwira ko muganga yamusuzumye, ariko atazi icyo atekereza. Ntabwo yizeye ko ari wa musore. Yoo, ntabwo ari ibanga Imana ishobora gukora. Ntabwo ari byo? Ni byo.

Fata Izina...

Rihamagare!

...hamwe nawe,
 Mwana wuje akababaro n'agahinda;
 Bizagutera umunezero no guhumurizwa,
 Noneho, Rifate ujjane na Ryo aho ugiye hose.
 Izina ry'agaciro, (Izina ry'agaciro!) Yoo mbega ukuntu riryoshye!
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu Ijuru;
 Izina ry'agaciro, (Yoo, Izina ry'agaciro!) Yoo mbega ukuntu riryoshye!
 Ibyiringiro by'isi hamwe n'ibyishimo byo mu Ijuru.

²²¹ Ni byo. Noneho nsubije pasiteri gahunda y'iteraniro. Araza kugira amagambo runaka, cyangwa abwire umuntu runaka adusezerere, icyo ari cyo cyose kiri mu bitekerezo bye. 

59-1219 Ibibazo n'Ibisubizo ku Mwuka Wera
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org